| 21° **uri mu buyobozi bw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage**: ugize Inama Njyanama cyangwa inzego z'ubuyobozi z'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, aho ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gikorera kuva ku Kagari, Umurenge Akarere n'Umujyi wa Kigali; | 21° **member of administration of a decentralised entity:** a member of the Council or executive organs of a decentralised public entity in which the deposit-taking microfinance institution operates from the Cell, Sector, District, Province and the City of Kigali; | 21º **membre de l'administration d'une entité décentralisée:** un membre d'un Conseil ou des organes exécutifs d'une entité décentralisée publique où opère l'institution de microfinance de dépôt de la Cellule, du Secteur, du District et de la Ville de Kigali; |
| 22° **uruhare rugaragara:** ububasha bwo kugira uruhare mu gufata ibyemezo ku mikorere na politiki byerekeranye n'imari y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 22° **significant influence:** the power to participate in operating and financial policy decisions of a deposit-taking microfinance institution; | 22º **influence significative:** le pouvoir de participer aux décisions des opérations et de la politique financière d'une institution de microfinance de dépôt; |
| 23° **Urwego rw'ubugenzuzi:** Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa urundi rwego rwahabwa n'itegeko ububasha | 23° **supervisory authority:** the National Bank of Rwanda or any other body to which the law may assign the powers | 23º **autorité de contrôle:** la Banque Nationale du Rwanda ou toute autre entité à laquelle la loi donne le pouvoir d'assurer la supervision |

| | | |
|---|---|---|
| bwo kugenzura abatanga serivisi y'imari mu Rwanda; | to supervise financial service providers in Rwanda; | des prestataires de services financiers au Rwanda; |
| 24° **utanga serivisi y'imari:** ikigo cyemerewe n'Urwego rw'ubugenzuzi gutanga serivisi z'imari. | 24° **financial service provider:** an entity licensed by the supervisory authority to provide financial services. | 24º **prestataire de services financiers:** une entité autorisée par l'autorité de contrôle à fournir des services financiers. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibyiciro by'ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 3</u>: Categories of deposit-taking microfinance institutions** | **<u>Article 3</u>: Catégories des institutions de microfinance de dépôt** |
| Ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa biri mu byiciro bikurikira: | Deposit-taking microfinance institutions are categorised as follows: | Des institutions de microfinance de dépôt sont catégorisées comme suit: |
| 1° isosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa; | 1° a deposit-taking microfinance company; | 1º une société de microfinance de dépôt; |
| 2° koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa. | 2° a deposit-taking microfinance cooperative. | 2º une coopérative de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 4</u>: Activities of a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 4</u>: Activités de l'institution de microfinance de dépôt** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gikora umurimo wo kwakira amafaranga abitswa. Gishobora gukora kandi imirimo ikurikira: | A deposit-taking microfinance institution deals with receiving deposits. It may also engage in the following activities: | Une institution de microfinance de dépôt a pour activité de recevoir les dépôts. Elle peut également effectuer des activités suivantes: |
| 1° gutanga inguzanyo; | 1° to grant loans; | 1º octroyer les crédits; |
| 2° kohereza amafaranga; | 2° to transfer money; | 2º transférer l'argent; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° gukora nk'uhagarariye ikindi kigo gitanga serivisi z'imari harimo:<br><br>a. banki;<br>b. ikigo cy'imari iciriritse;<br>c. isosiyete y'ubwishingizi;<br>d. isosiyete yo kohereza amafaranga;<br>e. undi wese utanga serivisi z'imari ufite amategeko amugenga ushobora kugisaba gukora nk'ugihagarariye; | 3° to act as an agent of financial service providers including:<br><br>a. bank;<br>b. microfinance institution;<br>c. insurance company;<br>d. remittance company;<br>e. any other regulated financial service provider that may request it to act as an agent; | 3º servir comme agent des prestataires des services financiers y compris:<br><br>a. la banque ;<br>b. l'institution de microfinance;<br>c. la société d'assurance;<br>d. la société de transfert d'argent;<br>e. tout autre prestataire de services financiers réglementé qui peut lui demander de servir comme agent; |
| 4° gutanga serivisi z'imari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 4° to perform digital financial services; | 4º effectuer des services financiers numériques; |
| 5° guha abakiriya serivisi n'ubufasha bitandukanye mu rwego rwo kubarinda igihombo; | 5° to provide various hedging services and facilities to customers; | 5º fournir divers services et assistance pour la prévention des risques des clients; |
| 6° gukora ibikorwa by'ikodeshagurisha; | 6° to carry out finance lease operations; | 6º effectuer des opérations de crédit-bail; |
| 7° gutanga ingwate ku bakiriya; | 7° to issue guarantees to customers; | 7º donner des garanties aux clients; |
| 8° kugura, kugira no gutanga umutungo utimukanwa n'uwimukanwa haseguriwe ibiteganywa n'amabwiriza rusange; | 8° to purchase, hold and transfer real estate and movable property subject to regulations; | 8º acheter, détenir et aliéner des biens immobiliers et mobiliers sous réserve des règlements; |
| 9° gukora imirimo yo kwishyurana mu buryo butaziguye nyuma yo guhabwa | 9° to conduct direct payment operations subject to a special authorisation from the supervisory authority; | 9º exécuter de manière directe des opérations de paiement sur autorisation de l'autorité de contrôle; |

| | | |
|---|---|---|
| uburenganzira n'Urwego rw'ubugenzuzi; | | |
| 10° gushyiraho ugihagarariye umwe cyangwa benshi nyuma yo guhabwa uburenganzira n'Urwego rw'ubugenzuzi; | 10° to appoint one or more of its agents upon authorisation from the supervisory authority; | 10º nommer un ou plusieurs agents sur autorisation de l'autorité de contrôle; |
| 11° gukora undi murimo ukenewe nyuma yo guhabwa uburenganzira n'Urwego rw'ubugenzuzi. | 11° to carry out any other necessary service subject to authorisation from the supervisory authority. | 11º effectuer tout autre service jugé nécessaire sur autorisation de l'autorité de contrôle. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: KWEMERERWA GUKORA** | **<u>CHAPTER II</u>: LICENSING** | **<u>CHAPITRE II</u>: AGRÉMENT** |
| **<u>Ingingo ya 5</u> : Gusaba uruhushya** | **<u>Article 5</u>: Application for a license** | **<u>Article 5</u>: Demande de licence** |
| Isosiyete cyangwa koperative itanga serivisi y'imari yifuza gukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa igomba gusaba Urwego rw'ubugenzuzi uruhushya ikoresheje inyandiko yabugenewe kandi ikagaragaza ko ifite imarishingiro fatizo isabwa, ikanishyura amafaranga y'uruhushya. | A company or cooperative which intends to carry out deposit-taking microfinance institution operations must apply for a licence to the supervisory authority in the prescribed form and proves that it has the required minimum paid-up capital, and pays a licensing fee. | Une société ou coopérative qui désire effectuer les activités d'une institution de microfinance de dépôt doit demander une licence auprès de l'autorité de contrôle dans la forme prescrite et prouver qu'elle dispose du capital minimum requis et payer les frais de licence. |
| Amabwiriza rusange agena imarishingiro fatizo isabwa, amafaranga y'uruhushya n'ibindi bisabwa kugira ngo isosiyete cyangwa koperative isaba yemererwe gukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations determine the minimum paid-up capital, the licensing fee and other requirements for the company or cooperative to be licensed to carry out deposit-taking microfinance institution activities. | Les règlements déterminent le capital minimum requis, les frais de licence ainsi que les autres conditions pour qu'une société ou coopérative puisse être agréée pour effectuer des activités d'une institution de microfinance de dépôt. |

| | | |
|---|---|---|
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gusaba isosiyete cyangwa koperative isaba gutanga andi makuru cyangwa inyandiko by'inyongera byerekeranye n'ubusabe. | Subject to provisions of Paragraph 2 of this Article, the supervisory authority may require the company or cooperative to provide additional information or documents related to the application. | Sous réserve des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'autorité de contrôle peut demander à la société ou coopérative de fournir des informations ou des documents additionnels relatifs à la demande. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora kutemera dosiye y'ubusabe kandi rukamenyesha isosiyete cyangwa koperative isaba impamvu zo kutemera ubusabe. | The supervisory authority may reject an application file and notify the company or cooperative the grounds for the rejection of the application. | L'autorité de contrôle peut rejeter le dossier de demande incomplet et notifier à la société ou coopérative les motifs du rejet de la demande. |
| Igihe cyo kugaragaza ko ubusabe bwakiriwe n'icyo kumenyesha isosiyete cyangwa koperative icyemezo cyabufashweho bigenwa n'amabwiriza rusange. | The period to indicate that the application is received and to notify the company or cooperative of the decision taken is determined by the regulations. | Les délais pour notifier que la demande est reçue et notifier à la société ou à la coopérative de la décision prise sont prévus par les règlements. |
| **Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya bikozwe n'isosiyete y'inyamahanga** | **Article 6: Application for a license by a foreign company** | **Article 6: Demande de licence par une société étrangère** |
| Isosiyete y'inyamahanga yanditswe hanze y'u Rwanda ikaba yanditswe kandi mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko yifuza gukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa igomba gusaba uruhushya Urwego rw'ubugenzuzi ikoresheje inyandiko yabugenewe kandi ikagaragaza ko ifite imarishingiro fatizo isabwa, ikanishyura amafaranga y'uruhushya. | A foreign company incorporated outside Rwanda that is legally registered in Rwanda which intends to carry out deposit-taking microfinance institution activities must apply for a licence to the supervisory authority in the prescribed form and proves that it has the required minimum paid-up capital, and pays a licensing fee. | Une société étrangère constituée en dehors du Rwanda qui est légalement enregistrée au Rwanda qui désire effectuer les activités d'une institution de microfinance de dépôt doit demander une licence auprès de l'autorité de contrôle dans la forme prescrite et prouver qu'elle dispose du capital minimum requis et payer les frais de licence. |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa kugira ngo isosiyete y'inyamahanga yemererwe | The regulations determine requirements for the foreign company to be licensed in order | Les règlements déterminent les conditions pour qu'une société étrangère puisse être agréée pour |

| | | |
|---|---|---|
| gukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | to carry out deposit-taking microfinance institution activities. | effectuer les activités d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Gutakamba** | **<u>Article 7</u>: Appeal** | **<u>Article 7</u>: Recours** |
| Iyo isosiyete cyangwa koperative yasabye uruhushya itishimiye igisubizo yahawe ishobora gutakambira Urwego rw'ubugenzuzi mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye ku munsi yaboneye igisubizo. Urwego rw'ubugenzuzi rugomba mu gihe kitarenze amezi atatu (3) abarwa uhereye ku munsi rwakiriyeho ugutakamba, kuba rwasubije isosiyete cyangwa koperative yarutakambiye. | Where the company or cooperative which applied for the license is not satisfied with the response received, such a company or cooperative may appeal against it to the supervisory authority within one (1) month of the response receipt. The supervisory authority must provide the company or cooperative with the response within three (3) months of date on which the appeal was lodged. | Lorsque la société ou coopérative qui a demandé la licence n'est pas satisfaite de la réponse reçue, elle peut faire recours auprès de l'autorité de contrôle endéans un (1) mois de la réception de la réponse. L'autorité de contrôle doit donner la réponse à la société ou coopérative endéans trois (3) mois de l'introduction du recours. |
| Mu gihe isosiyete cyangwa koperative yatakambye itishimiye igisubizo yahawe, ifite igihe kitarenze amezi atandatu (6) cyo kuregera urukiko gitangira kubarwa kuva ku munsi yaboneyeho igisubizo. | When the company or cooperative which lodged an appeal is not satisfied with the response provided, such a company or cooperative has a period of six (6) months from the date of the response receipt to refer the matter to the court of Law. | Lorsque la société ou coopérative qui a introduit le recours n'est pas satisfaite de la réponse lui fournie, elle dispose d'un délai de six (6) mois pour saisir la juridiction à compter de la date de réception de la réponse. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Itangwa ry'uruhushya** | **<u>Article 8</u>: Issuance of a license** | **<u>Article 8</u>: Octroi d'une licence** |
| Mu gihe kigenwa n'amabwiriza rusange kandi Urwego rw'ubugenzuzi rumaze gusuzuma ubusabe, rutanga uruhushya rwo gukora iyo usaba yujuje ibisabwa byose n'iri tegeko n'amabwiriza rusange abireba. | In a period specified in the regulations and upon examination of the application, the supervisory authority, issues the license to the applicant who fulfils all the requirements of this Law and relevant regulations. | Dans un délai spécifié dans les règlements et après examen de la demande, l'autorité de contrôle délivre la licence si le requérant remplit toutes les conditions de la présente loi et des règlements en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| Uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rugomba kugaragaza ibi bikurikira: | The license referred to in Paragraph One of this Article must specify the following: | La licence visée à l'alinéa premier du présent article doit spécifier ce qui suit: |
| 1° izina ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° the name of the deposit-taking microfinance institution; | 1º le nom de l'institution de microfinance de dépôt; |
| 2° icyiciro cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | 2° the category of the deposit-taking microfinance institution; | 2º la catégorie de l'institution de microfinance de dépôt; |
| Uruhushya rutanzwe hakurikijwe iyi ngingo y'iri tegeko ntiruhererekanywa cyangwa ngo rwegurirwe undi. | The licence issued under this Article is neither transferable nor assignable. | La licence octroyée en vertu du présent article n'est ni transférable ni cessible. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gutangaza urutonde rw'ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 9</u>: Publication of the list of deposit-taking microfinance institutions** | **<u>Article 9</u>: Publication de la liste des institutions de microfinance de dépôt** |
| Urwego rw'ubugenzuzi, rubika, ruhuza n'igihe kandi rugatangaza urutonde rw'ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa, amashami yabyo ku rubuga rwa interineti rwayo nibura rimwe mu mwaka. | The supervisory authority~~,~~ maintains, updates and publishes the list of deposit-taking microfinance institutions, their branches on its website at least once a year. | L'autorité de contrôle garde, met à jour et publie la liste des institutions de microfinance de dépôt, leurs branches et leurs agents sur son site web au moins une fois par an. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Kubuzwa gukoresha amagambo amwe n'amwe** | **<u>Article 10</u>: Prohibition from using certain terms** | **<u>Article 10</u>: Interdiction d'utiliser certains termes** |
| Birabujijwe gukoresha amagambo afitanye isano n'ikigo cy'imari iciriritse, ayakomokaho cyangwa ahinduwe mu rundi rurimi ashobora kuvuga cyangwa kumvikana nk'afitanye isano n'ibikorwa by'imari | It is prohibited to use terms related to a microfinance institution, their derivatives or translations that can indicate or be perceived as related to microfinance activity in the corporate name, trade name, signage or | Il est interdit d'utiliser les termes relatifs à une institution de microfinance, leurs dérivés ou leurs traductions pouvant indiquer ou être perçus comme liés à une activité de microfinance dans sa dénomination sociale, son |

| | | |
|---|---|---|
| icyiritse mu izina ry'ikigo, iry'ubucuruzi ryacyo, mu kirango cyacyo cyangwa mu iyamamaza ryacyo keretse byemejwe n'Urwego rw'ubugenzuzi. | advertisement of a microfinance institution unless authorised by the supervisory authority. | nom commercial, sur son enseigne ou dans sa publicité sauf si l'autorité de contrôle l'autorise. |
| Ayo magambo ni aya akurikira: | Such terms are the following: | Ces termes sont les suivants : |
| 1° imari iciriritse; | 1° a microfinance; | 1º une microfinance; |
| 2° ikigo cy'imari iciriritse; | 2° a microfinance institution; | 2º une institution de microfinance; |
| 3° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 3° a deposit-taking microfinance institution; | 3º une institution de microfinance de dépôt; |
| 4° isosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa; | 4° a deposit-taking microfinance company; | 4º une société de microfinance de dépôt; |
| 5° koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa. | 5° a deposit-taking microfinance cooperative. | 5º une coopérative de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Impamvu zo kwamburwa uruhushya** | **<u>Article 11</u>: Grounds for revocation of a license** | **<u>Article 11</u>: Motifs de retrait d'agrément** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kwambura ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa uruhushya rwo gukora cyahawe kubera imwe mu mpamvu zikurikira: | The supervisory authority may revoke a license granted to a deposit-taking microfinance institution for one of the following reasons: | L'autorité de contrôle peut retirer l'agrément accordé à une institution de microfinance de dépôt pour l'une des raisons suivantes : |
| 1° gihagaritse gukora mu gihe kirenze ukwezi kumwe kitabiherewe | 1º the institution has ceased operating for a period of more than one month | 1º l'institution a cessé ses opérations pendant une période de plus d'un mois |

| | | |
|---|---|---|
| uburenganzira n'Urwego rw'Ubugenzuzi; | without any authorization from the supervisory authority; | sans l'autorisation de l'autorité de contrôle; |
| 2° cyarabonye uruhushya hashingiwe ku makuru atariyo cyangwa mu buryo bw'uburiganya; | 2º the institution has obtained the license through incorrect statements or fraudulent means; | 2º l'institution a obtenu l'agrément sur base de fausses déclarations ou moyens frauduleux; |
| 3° kitubahiriza ibyo cyemerewe gukora mu gihe cyahabwaga uruhushya; | 3º the institution no longer meets the applicable licensing criteria; | 3º l'institution ne répond plus aux critères d'octroi d'agrément; |
| 4° kitacyujuje ibisabwa kugira ngo gikore nk'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 4º the institution no longer meets the criteria for operating as a deposit-taking microfinance institution; | 4º l'institution ne répond plus aux critères pour agir en institution de microfinance de dépôt; |
| 5° gifite isosiyete-mbyeyi iri mu iseswa, bikaba byagira ingaruka mbi ku isosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa; | 5º the parent company is undergoing liquidation, which can negatively affect a deposit-taking microfinance company; | 5º l'institution a une société mère en liquidation, ce qui peut avoir un impact négatif sur la société de microfinance de dépôt ; |
| 6° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigaragara mu bikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba cyangwa ibindi byaha bimunga ubukungu; | 6º the deposit taking microfinance institution is engaged in money laundering and financing terrorism activities as well as other economic crimes; | 6º une institution de microfinance de dépôt est engagée dans des activités de blanchiment d'argent et de financement de terrorisme ou autres crimes économiques ; |
| 7° gikora ikindi gikorwa cyatuma urwego rw'imari ruhungabana. | 7º the institution performs any other activity compromising the soundness of the financial sector. | 7º l'institution mène les activités compromettant la solidité du secteur financier. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: AMABWIRIZA Y'UBWIRINZI N'IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA** | **<u>CHAPTER III</u>: PRUDENTIAL RULES AND RISK MANAGEMENT OF DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION** | **<u>CHAPITRE III</u>: RÈGLES PRUDENTIELLES ET GESTION DES RISQUES D'UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Amabwiriza y'ubwirinzi** | **<u>Section One</u>: Prudential rules** | **<u>Section première</u>: Règles prudentielles** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Amafaranga abitswe asabwa** | **<u>Article 12</u>: Liquidity ratio required** | **<u>Article 12</u>: Ratio de liquidité requis** |
| Amabwiriza rusange agena amafaranga fatizo abitswe atari munsi y'igipimo cy'amafaranga abitswe ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigira. | The regulations specify a minimum liquidity ratio maintained by a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent un ratio de liquidité minimal dont une institution de microfinance de dépôt dispose. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora kuzamura igipimo cy'amafaranga abitswe ku bigo bimwe na bimwe by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza rusange. | The supervisory authority may increase the liquidity ratio for some deposit-taking microfinance institutions based on the criteria specified in the regulations. | L'autorité de contrôle peut majorer le ratio de liquidité de certaines institutions de microfinance de dépôt sur base des critères spécifiés dans les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Imari shingiro ihagije isabwa** | **<u>Article 13</u>: Capital adequacy required** | **<u>Article 13</u>: Adéquation d'un capital requis** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisabwa kugira imari shingiro ihagije igenwa n'amabwiriza rusange. | A deposit-taking microfinance institution is required to maintain a capital adequacy specified in the regulations. | Une institution de microfinance de dépôt est tenue de maintenir un capital adéquat spécifié dans les règlements. |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Urwego rw'ubugenzuzi | Subject to provisions of Paragraph One of this Article, the supervisory authority may | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'autorité de contrôle |

| | | |
|---|---|---|
| rushobora kuzamura igipimo cy'imari shingiro ku bigo bimwe na bimwe by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza rusange. | increase the capital adequacy ratio for some deposit-taking microfinance institutions based on criteria set out in the regulations. | peut majorer le ratio d'adéquation d'un capital de certaines institutions de microfinance de dépôt sur base des critères fixés dans les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibyiciro by'inguzanyo n'amafaranga ateganyirizwa igihombo** | **<u>Article 14</u>: Loans classification and provisioning** | **<u>Article 14</u>: Classification des crédits et constitution des provisions** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyira mu byiciro inguzanyo zacyo no kugira ikigero gihagije cy'amafaranga agomba guteganyirizwa igihombo. | A deposit-taking microfinance institution must classify its loans and maintain an adequate level of required loan provisioning. | Une institution de microfinance de dépôt doit classifier ses crédits et maintenir un niveau adéquat des provisions de crédit requises. |
| Amabwiriza rusange ateganya ibigenderwaho mu gushyira inguzanyo mu byiciro no mu kugena ingano y'amafaranga agomba guteganyirizwa igihombo. | Regulations specify the criteria for loan classification and provisioning levels. | Les règlements spécifient les critères pour la classification des crédits et la détermination des niveaux de constitution des provisions. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inguzanyo, imyenda n'ishoramari ntarengwa** | **<u>Article 15</u>: Limits on loans, liabilities and investments** | **<u>Article 15</u>: Limites des crédits, des engagements et des investissements** |
| Amabwiriza rusange ashyiraho igipimo ntarengwa cy'inguzanyo, icy'imyenda n'icy'ishoramari mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations establish risk concentration limits on loans, liabilities and investments in a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements fixent les limites des crédits, des engagements et des investissements dans une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Iyongerwa ryihariye ry'imari shingiro** | **<u>Article 16</u>: Special increment of share capital** | **<u>Article 16</u>: Majoration spéciale du capital** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rugena, rukoresheje amabwiriza rusange, ibigenderwaho mu | The supervisory authority, by regulations, determines conditions for share capital | L'autorité de contrôle détermine, par voie de règlements, des conditions de majoration du |

| | | |
|---|---|---|
| kongera imari shingiro y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mu rwego rwo guteganyiriza ibyateza ingorane biturutse ku nguzanyo, ku mikorere, ku miterere y'isoko n'ibindi byateza ingorane biturutse ku bikorwa by'ikigo**.** | increment of a deposit-taking microfinance institution to provide for credit risk, operational risk, market risk and any other risk caused by the activities of the institution. | capital de l'institution de microfinance de dépôt qui peuvent être basées sur le risque de crédit, le risque opérationnel, le risque du marché et sur tout autre risque issu des activités de l'institution. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Kubuzwa gutanga inyungu ku migabane** | **<u>Article 17</u>: Prohibitions of payment of dividends** | **<u>Article 17</u>: Interdiction du paiement de dividendes** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kibujijwe kumenyekanisha, kwishyura cyangwa kohereza mu gihugu cyangwa hanze yacyo inyungu ku migabane iyo: | A deposit-taking microfinance institution is prohibited from declaring, paying or transferring within the country or abroad dividends if: | Il est interdit à une institution de microfinance de dépôt de déclarer, de payer, de transférer à l'intérieur du pays ou à l'étranger des dividendes lorsque: |
| 1° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kitarahuza imari cyashoye n'ibyo cyinjije; | 1° the deposit-taking microfinance institution has not yet reached the break-even point; | 1º une institution de microfinance de dépôt n'a pas encore atteint le seuil de rentabilité; |
| 2° ishoramari ryacyo mu mutungo ugira agaciro mu gihe kirekire ritagenewe itakazagaciro, ubwicungure n'agaciro nyakuri mu buryo bukwiye; | 2° its investments in non-current assets have not been adequately depreciated, amortised and are impaired; | 2º ses investissements en actifs non courants n'ont pas été adéquatement dépréciés, amortis et sont grevés de charges; |
| 3° igabanuka ry'agaciro k'imari shingiro rititaweho; | 3° its capital impairment has not been considered; | 3º la diminution de la valeur de son capital n'a pas été prise en compte; |
| 4° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kidafite amafaranga ahagije ateganyirizwa igihombo ku birebana n'imyenda | 4° the deposit-taking microfinance institution does not have adequate provisions in respect of bad or doubtful debts and other problem | 4º une institution de microfinance de dépôt n'a pas de fonds adéquats pour constituer les provisions relatives aux créances mauvaises ou douteuses et aux |

| | | |
|---|---|---|
| itishyurwa cyangwa itizewe kwishyurwa n'imitungo ifite ibibazo. Mu mitungo ifite ibibazo harimo konti zidakora, imyenda yishyurwa mu gihe gito, igihombo cyagiye cyiyongera n'imitungo itagaragara; | assets. Problem assets include suspense accounts, receivables, accumulated deficits and other non-justifiable assets; | actifs à problème. Les actifs à problème comprennent les comptes suspens, les créances à court terme, les déficits cumulés et d'autres actifs non justifiables; |
| 5° ibindi by'ibanze bisabwa mu isaranganywa ry'inyungu ku migabane biteganywa n'amabwiriza rusange bitarubahirizwa. | 5° other prerequisites for distribution of dividends as defined in the regulations are not respected. | 5º d'autres préalables à la distribution de dividendes tels que définis dans les règlements ne sont pas respectés. |
| Inyungu ku migabane igomba kumenyekanishwa ishingira ku musaruro bwite wagenzuwe hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z'imari ku mwaka w'imari urangiye. | Dividends to be declared are based on the net income audited in accordance with International Financial Reporting Standards for the ended financial year. | Des dividendes devant être déclarés sont les bénéfices nets audités conformément aux normes internationales d'informations financières pour l'exercice financier clos. |
| Gutanga imigabane y'ubwasisi ivuye mu nyungu bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane. | Issuing bonus shares out of profits is considered to be a payment of dividends. | L'octroi des primes d'actions sur les bénéfices est considéré comme un paiement de dividendes. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Uruhare ntarengwa n'ibikorwa ku migabane** | **<u>Article 18</u>: Ownership limits and transactions in the shareholding** | **<u>Article 18</u>: Limites de participation et transactions dans l'actionnariat** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rugena uruhare ntarengwa n'ibikorwa ku migabane mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa rukoresheje amabwiriza rusange. | The supervisory authority determines the ownership limits and transactions of shares in a deposit-taking microfinance institution through regulations. | L'autorité de contrôle détermine les limites de participation et les transactions dans l'actionnariat dans une institution de microfinance de dépôt par voie de règlements. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa nticyemerewe kongera kugura | A deposit-taking microfinance institution is not permitted to repurchase shares from its | Une institution de microfinance de dépôt ne peut pas racheter les actions de ses actionnaires |

| | | |
|---|---|---|
| imigabane y'abanyamigabane cyangwa y'abanyamuryango bacyo kitabiherewe uburenganzira bwanditse n'Urwego rw'ubugenzuzi. | shareholders or members without written authorisation from the supervisory authority. | ou de ses membres sans autorisation écrite de l'autorité de contrôle. |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Uburyo bwo kwishyura no gukoresha imigabane** | **<u>Article 19</u>: Modalities for payment and use of shares** | **<u>Article 19</u>: Modalités de libération et utilisation des actions** |
| Kwishyura imigabane mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa bikorwa mu mafaranga cyangwa mu bintu bifite agaciro kangana n'imigabane isabwa kwishyurwa. | The payment of shares in a deposit-taking microfinance institution is made in cash or in-kind equivalent to value of shares. | La libération des actions dans une institution de microfinance de dépôt se fait en espèces ou en nature équivalent à la valeur d'actions. |
| Imigabane ishobora guhererekanywa byemejwe n'umuyobozi wabiherewe ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. Imigabane ishobora guhererekanywa ariko ntishobora kuvanwaho cyangwa ngo itangweho ingwate. | Shares may be transferred upon approval by the mandated authority in the deposit- taking microfinance institution. Shares may be transferred but cannot be withdrawn nor collateralised. | Les actions peuvent être transférées sur approbation de l'autorité mandatée par l'institution de microfinance de dépôt. Les actions peuvent être transférées mais ne peuvent être ni récupérées ni mises en garantie. |
| Icyakora, hashingiwe ku cyemezo cy'Inteko Rusange ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, cyangwa inama y'ubutegetsi kuri sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, imigabane ishobora gukoreshwa kugira ngo hishyurwe inguzanyo y'umunyamuryango cyangwa umunyamigabane igihe yirukanywe cyangwa asezeye mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. Imigabane ikoreshwa | However, upon the decision of the General Assembly for the deposit-taking microfinance cooperative or the Board of Directors for deposit-taking microfinance company, shares may be used to pay a member or shareholder's loan in case he or she is expelled from the deposit-taking microfinance institution or resigns from it. Shares that are used to pay the loan are first subjected to valuation. | Toutefois, sur décision de l'Assemblée générale de la coopérative de microfinance de dépôt ou du Conseil d'administration de la société de microfinance de dépôt, les actions peuvent être utilisées pour payer le prêt d'un membre ou d'un actionnaire au cas où il est expulsé de l'institution de microfinance de dépôt ou démissionne. Les actions utilisées pour payer le prêt sont d'abord évaluées. |

| | | |
|---|---|---|
| mu kwishyura inguzanyo ibanza gukorerwa igenagaciro. | | |
| **<u>Ingingo ya 20:</u> Igicumbi gisabwa** | **<u>Article 20</u>: Mandatory reserve** | **<u>Article 20</u> : Réserves obligatoires** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigena amafaranga y'igicumbi ava ku nyungu cyabonye mu mwaka w'ibaruramari. Ingano y'igicumbi igenwa n'urwego rubifitiye ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | A deposit-taking microfinance institution determines the annual net income portion which is allocated into the reserve funds. The threshold of the mandatory reserve is determined by the competent authority in the deposit-taking microfinance institution. | L'institution de microfinance de dépôt détermine la portion du revenu net annuel allouée aux réserves obligatoires. Le seuil de réserves obligatoires est déterminé par l'autorité compétente dans l'institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Kutagabana amafaranga y'igicumbi** | **<u>Article 21</u>: Prohibition against sharing of reserves** | **<u>Article 21</u>: Interdiction de partager les réserves** |
| Amafaranga y'igicumbi y' ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ntashobora kugabanywa abanyamuryango cyangwa abanyamigabane bacyo igihe ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigikora. | The reserves of a deposit-taking microfinance institution are not shared among its members or shareholders as long as the deposit-taking microfinance institution is still operational. | Les réserves d'une institution de microfinance de dépôt ne se partagent pas entre ses membres ou actionnaires aussi longtemps que l'institution de microfinance de dépôt est encore opérationnelle. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ibisabwa mu bikorwa by'ubucuruzi n'abafitanye isano n'ikigo** | **<u>Article 22</u>: Conditions on transactions with related parties** | **<u>Article 22</u>: Conditions sur les transactions avec les personnes apparentées** |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa bituma hatabaho igongana ry'inyungu mu bikorwa by'ubucuruzi hagati y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa n'abafitanye isano na cyo. | The regulations determine requirements that prevent the conflict of interests on transactions carried out between a deposit-taking microfinance institution and its related parties. | Les règlements déterminent les exigences qui empêchent le conflit d'intérêts sur les transactions entretenues entre une institution de microfinance de dépôt et les personnes qui lui sont apparentées. |

| | | |
|---|---|---|
| Abafitanye isano n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ni aba bakurikira: | The related parties of a deposit-taking microfinance institution are the following: | Les personnes apparentées à une institution de microfinance de dépôt sont les suivantes : |
| 1° ugize Inama y'Ubutegetsi, uri mu Nama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi cyangwa umukozi w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° a director, member of the Supervisory Board, of the management or any other employee of a deposit-taking microfinance institution; | 1° un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant ou tout autre employé de l'institution de microfinance de dépôt; |
| 2° umuntu ufite imigabane igaragara mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 2° a person holding significant shares in a deposit-taking microfinance institution; | 2° une personne qui détient des actions significatives dans une institution de microfinance de dépôt; |
| 3° umwe mu bashyingiranywe cyangwa undi muntu wo mu muryango ufitanye isano y'ubuvandimwe itaziguye cyangwa iziguye kugeza ku gisanira cya kabiri cyangwa ufitanye isano n'undi muntu uvugwa mu gace ka 1° n'aka 2°; | 3° a spouse or family member on direct line or collateral line up to the second degree of any of the persons referred to in items 1° and 2°; | 3° un époux ou un parent en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré de l'une des personnes visées aux points 1° et 2° ; |
| 4° ikigo gifite ubuzimagatozi, umuntu uvugwa mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° abereye ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uri mu buyobozi; | 4° a legal entity in which any of the persons mentioned under items 1°, 2° and 3° is a director or management; | 4° une entité juridique dans laquelle l'une des personnes visées aux points 1°, 2° et 3° est Administrateur ou dirigeant; |
| 5° ikigo gifite ubuzimagatozi, umuntu uvugwa mu gace ka 1°, aka 2°, aka 3° n'aka 4° afitemo imigabane igaragara; | 5° a legal entity in which any of the persons mentioned under Items 1°, 2°, 3° and 4° holds significant shares; | 5° une entité juridique dans laquelle l'une des personnes visées aux points 1°, 2°, 3° et 4° détient des actions significatives; |
| 6° ikigo gifite ubuzimagatozi, cyonyine cyangwa gifatanyije n'abandi bantu, | 6° a legal entity that alone or with others, controls or exerts authority | 6° une entité juridique qui, seule ou avec d'autres, contrôle ou exerce une |

| | | |
|---|---|---|
| kigenzura cyangwa gifite ububasha, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye; | directly or indirectly; | influence directement ou indirectement ; |
| 7° ikigo gifite ubuzimagatozi kigenzurwa cyangwa ikindi kigo gifite ubuzimagatozi kigifiteho ububasha, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, kigenzura ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 7° a legal entity controlled or on which authority is exerted directly or indirectly by an entity that controls the deposit-taking microfinance institution; | 7° une entité juridique contrôlée ou sur laquelle une influence est exercée directement ou indirectement par une personne ou une entité qui contrôle l'institution de microfinance de dépôt; |
| 8° ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uri mu buyobozi bw'ikigo kivugwa mu gace ka 6° n'aka 7°. | 8° a person who is a director or member of the management of the entity referred to in items 6° and 7°. | 8° un Administrateur ou un dirigeant de l'entité visée aux points 6° et 7°. |
| **Icyiciro cya 2: Imicungire y'ibyateza ingorane n'uburyo bw'imikorere** | **Section 2: Risk management and internal control** | **Section 2: Gestion des risques et contrôle interne** |
| **Ingingo 23: Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane** | **Article 23: Risk management framework** | **Article 23: Cadre de gestion des risques** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyiraho kikanashyira mu bikorwa uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bwemejwe kandi bugenzurwa n'Inama y'Ubutegetsi bugifasha kugaragaza, gupima, gusuzuma, kugabanya no gukumira ibyateza ingorane, gukurikirana ingorane zose zagaragaye no kuzitangaho raporo ku gihe. Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bugomba kuba bujyanye n' ikigero cy'ibyateza ingorane, ingano n'urusobe | A deposit-taking microfinance institution designs and implements a comprehensive risk management framework approved and overseen by the Board of Directors to enable it to identify, measure, evaluate, mitigate and prevent risks, monitor and report all identified risks on a timely basis. The risk management framework must be proportional to the deposit-taking microfinance institution's risk profile, size and complexity. | Une institution de microfinance de dépôt conçoit et met en œuvre un cadre global de gestion des risques approuvé et supervisé par le Conseil d'administration qui le permet d'identifier, de mesurer, d'évaluer, d'atténuer et de prévenir les risques, de faire le suivi de tous les risques identifiés et de les signaler à temps. Le cadre de gestion des risques doit être proportionnel au profil des risques, à la taille et à la complexité de l'institution de microfinance de dépôt. |

| | | |
|---|---|---|
| by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | | |
| Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bwita kuri ibi bikurikira:<br><br>1° ingorane ziri mu nguzanyo;<br>2° ingorane ziri mu mafaranga abitswe;<br>3° ingorane ziri mu mikorere;<br>4° ingorane z'imiterere y'isoko;<br>5° ingorane zishingiye ku ngamba z'ikigo;<br>6° ingorane zijyanye no kutubahiriza amategeko;<br>7° izindi ngorane zishobora kubaho. | The risk management framework takes into consideration the following:<br><br>1° credit risks;<br>2° liquidity risks;<br>3° operational risks;<br>4° market risks;<br>5° institution's strategic risks;<br>6° compliance of risk;<br>7° any other risks that may occur. | Le cadre de gestion des risques prend en considération ce qui suit:<br><br>1º les risques de crédit;<br>2º les risques de liquidité;<br>3º les risques opérationnels;<br>4º les risques du marché;<br>5º les risques stratégiques de l'institution;<br>6º les risques de conformité;<br>7º les autres risques qui peuvent survenir. |
| Amabwiriza rusange ashyiraho imirongo ngenderwaho mu gushyiraho uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations set the guidelines for the risk management within a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements fixent des lignes directrices pour la gestion des risques au sein d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **Ingingo ya 24: Uburyo bw'imikorere n'ubugenzuzi bw'imbere** | **Article 24: Internal control and internal audit** | **Article 24: Contrôle interne et audit interne** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyiraho uburyo bunoze bw'igenzuramikorere bufasha imicungire y'ibyateza ingorane n'iyubahirizwa ry'amategeko ariho. | A deposit-taking microfinance institution establishes an adequate internal control system that facilitates the risk management and compliance with applicable laws. | Une institution de microfinance de dépôt met en place un système de contrôle interne adéquat qui facilite la gestion des risques et la conformité à la législation en vigueur. |

| | | |
|---|---|---|
| Amabwiriza rusange ashyiraho ibipimo ngenderwaho by'ibanze bijyanye n'uburyo bw'imikorere n'ubugenzuzi bw'imbere bw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations determine minimum standards for internal control system and internal audit of a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent les normes minimales d'un système de contrôle interne et d'audit interne d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIYOBORERE Y'IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA** | **<u>CHAPTER IV</u>: GOVERNANCE OF A DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION** | **<u>CHAPITRE IV</u>: GOUVERNANCE D'UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Inzego z'imiyoborere mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 25</u>: Governance organs of a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 25</u>: Organes de gouvernance d'une institution de microfinance de dépôt** |
| Isosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa na koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa bishyiraho inzego z'imiyoborere nk'uko ziteganywa n'amategeko abigenga. | A deposit-taking microfinance company and a deposit-taking microfinance cooperative establish the Governance organs as provided for by the relevant laws. | Une société de microfinance de dépôt et une coopérative de microfinance de dépôt mettent en place les organes de gouvernance tels que prévus par les lois en la matière. |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amabwiriza rusange ashobora kugena izindi nzego z'imiyoborere mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, the regulations may determine other governance organs for a deposit-taking microfinance institution. | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les règlements peuvent déterminer d'autres organes de gouvernance pour une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Gusaba iyemezwa ry'ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi n'uri mu buyobozi** | **<u>Article 26</u>: Request for approval of a director, a member of Supervisory Board and a member of the management** | **<u>Article 26</u>: Demande d'approbation d'un administrateur, d'un membre du Conseil de surveillance et d'un dirigeant** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisaba kwemerwa kw'ugize Inama | A deposit-taking microfinance institution that requests for approval of its director, | Une institution de microfinance de dépôt qui demande l'approbation d'un administrateur, |

| | | |
|---|---|---|
| y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi n'uri mu buyobozi gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi dosiye ye kugira ngo rugenzure ko yujuje ibisabwa mbere yo kumwemeza. | member of Supervisory Board and member of the management submits to the supervisory authority the file of that person for the supervisory authority to check whether he or she fulfils the requirements before approving him or her. | d'un membre du Conseil de surveillance et d'un dirigeant transmet à l'autorité de contrôle le dossier de cette personne afin que l'autorité de contrôle vérifie si elle remplit les conditions avant de l'approuver. |
| Amabwiriza rusange agena ibikubiye muri dosiye y'ubusabe buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'igihe ubusabe busubirizwa. | The regulations determine the content of the request file referred to in Paragraph One of this Article as well as the period of reaction to such a request. | Les règlements déterminent le contenu du dossier de demande visé à l'alinéa premier du présent article ainsi que la période de réaction à cette demande. |
| **Ingingo ya 27: Imenyekanisha ry'impinduka z'ugize Inama y'Ubutegetsi, iz'ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi** | **Article 27: Notification of change of a director, a member of the Supervisory Board or a member of management** | **Article 27: Notification du changement d'un administrateur, d'un membre du Conseil de surveillance ou d'un dirigeant** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kimenyesha Urwego rw'ubugenzuzi mu nyandiko, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi utakiri mu nshingano ze n'impamvu yabyo. | A deposit-taking microfinance institution notifies the supervisory authority in writing that a director, a member of the Supervisory Board or a member of management ceases his or her duties and the grounds of the cessation. | Une institution de microfinance de dépôt notifie à l'autorité de contrôle par écrit, la cessation des fonctions d'un administrateur, d'un membre du Conseil de surveillance ou d'un dirigeant ainsi que les motifs de cette cessation. |
| Imenyekanisha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye ku munsi impinduka yabereye. | The notification mentioned in Paragraph One of this Article is done within ten (10) days from the date on which the change occurred. | La notification mentionnée à l'alinéa premier du présent article est faite endéans dix (10) jours à compter de la date à laquelle le changement a eu lieu. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Komite z'Inama y'Ubutegetsi** | **<u>Article 28</u>: Committees of the Board of Directors** | **<u>Article 28</u>: Comité du Conseil d'Administration** |
| Buri kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigira komite z'Inama y'Ubutegetsi. Umubare n'ibyiciro by'izo komite bishingira ku ngano y'ikigo, imiterere y'ibikorwa by'ikigo n'ishusho y'ibyateza ingorane. | Each deposit-taking microfinance institution has committees of the Board of Directors. The number and categories of these committees depend on the size of the institution, the nature of the operations carried out by the institution and the risk profile of the institution. | Chaque institution de microfinance de dépôt dispose des comités du Conseil d'administration. Le nombre et les catégories de ces comités dépendent de la taille de l'institution, de la nature des activités menées par l'institution ainsi que du profil des risques de l'institution. |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amabwiriza rusange agena komite z'Inama y'Ubutegetsi zitagomba kubura mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, the regulations determine the key committees of the Board of Directors that a deposit-taking microfinance institution must have. | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les règlements déterminent les comités clés du Conseil d'administration qu'une institution de microfinance de dépôt doit disposer. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi** | **<u>Article 29</u>: Requirements to be a director, a member of the Supervisory Board or a member of management** | **<u>Article 29</u>: Conditions pour être administrateur, membre du Conseil de surveillance ou dirigeant** |
| Ibisabwa kugira ngo umuntu abe ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi mu isosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa bigenwa n'itegeko rigenga amasositeye y'ubucuruzi. | The requirements for a person to be a director, a member of the Supervisory Board or a member of management in a deposit-taking microfinance company are determined by the Law governing companies. | Les conditions exigées à une personne pour être administrateur, membre du Conseil de surveillance ou dirigeant dans une société de microfinance de dépôt sont déterminées par la loi régissant les sociétés commerciales. |
| Ibisabwa kugira ngo umuntu abe ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi muri koperative | The requirements for a person to be a director, a member of the Supervisory Board or a member of management in a deposit- | Les conditions exigées à une personne pour être administrateur, membre du Conseil de surveillance ou dirigeant dans une coopérative |

| | | |
|---|---|---|
| y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa bigenwa n'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda. | taking microfinance cooperative are determined by the Law governing cooperatives in Rwanda. | de microfinance de dépôt sont déterminées par la loi régissant les coopératives au Rwanda. |
| Amabwiriza rusange agena ibindi bisabwa kugira ngo umuntu abe ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa uri mu buyobozi bw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations also determine other requirements for a person to be a director, a member of the Supervisory Board or a member of management in a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent d'autres conditions exigées à une personne pour être administrateur, membre du Conseil de surveillance ou dirigeant dans une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Ikomatanywa ry'imyanya** | **<u>Article 30</u>: Accumulation of posts** | **<u>Article 30</u>: Cumul de postes** |
| Birabujijwe gukomatanya umwanya w'ugize Inama y'Ubutegetsi, uw'ugize Inama y'Ubugenzuzi, uw'uri mu buyobozi cyangwa uw'umukozi: | It is prohibited to accumulate the posts of a director, of a member of the Supervisory Board, of a member of management or of any other post: | Il est interdit à une personne d'occuper à la fois les postes d'administrateur, de membre du Conseil de surveillance, de dirigeant ou tout autre poste: |
| 1° mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° in a deposit-taking microfinance institution; | 1° dans une institution de microfinance de dépôt; |
| 2° mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kirenze kimwe; | 2° in more than one deposit-taking microfinance institutions; | 2° dans plus d'une institution de microfinance de dépôt; |
| 3° mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa no kuba mu buyobozi bw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage; | 3° in a deposit-taking microfinance institution and in the administration of a decentralised entity; | 3° dans une institution de microfinance de dépôt et dans l'administration d'une entité décentralisée; |
| 4° mu kindi kigo icyo ari cyo cyose aho byatera igongana ry'inyungu. | 4° in any other organisation where it may create conflict of interests. | 4° dans une autre organisation où il y aurait un conflit d'intérêts. |

| | | |
|---|---|---|
| Ibivugwa mu gace ka 1º n'aka 2º tw'iyi ngingo ntibireba ibigo biri mu itsinda rimwe, ihuriro rimwe, impuzamahuriro imwe cyangwa ibigo biri hanze ya Repubulika y'u Rwanda. | Provisions of Items 1º and 2º of this Article do not apply to institutions that are in the same group, union, federation or institutions outside the Republic of Rwanda. | Les dispositions des points 1º et 2º du présent article ne s'appliquent pas aux institutions appartenant au même groupe, à la même union, fédération ou des institutions en dehors de la République du Rwanda. |
| **Ingingo ya 31: Imirongo ngenderwaho y'imiyoborere** | **Article 31: Governance guidelines** | **Article 31: Lignes directrices de gouvernance** |
| Amabwiriza rusange agena imirongo ngenderwaho y'imiyoborere yubahirizwa n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations determine governance guidelines that are observed by a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent des lignes directrices de gouvernance qui sont observées par une institution de microfinance de dépôt. |
| **UMUTWE WA V: IMARI N'IBARURAMARI** | **CHAPTER V: FINANCE AND ACCOUNTING** | **CHAPITRE V: FINANCES ET COMPTABILITÉ** |
| **Ingingo ya 32: Ibikorwa by'ibaruramari** | **Article 32: Accounting operations** | **Article 32: Opérations comptables** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gikora ibikorwa by'ibaruramari hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z'imari. | A deposit-taking microfinance institution performs accounting operations in accordance with the International Financial Reporting Standards. | Une institution de microfinance de dépôt effectue des opérations comptables conformément aux Normes Internationales des Informations Financières. |
| **Ingingo ya 33: Itegurwa rya raporo z'imari** | **Article 33: Preparation of financial statements** | **Article 33: Préparation des états financiers** |
| Buri kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba gutegura raporo z'imari hashingiwe ku bipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z'imari. | Every deposit-taking microfinance institution must prepare its financial statements in accordance with International Financial Reporting Standards. | Chaque institution de microfinance de dépôt doit préparer ses états financiers conformément aux Normes Internationales des Informations Financières. |

| | | |
|---|---|---|
| Raporo z'imari zitegurwa zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira: | The financial statements prepared must contain the following: | Les états financiers préparés doivent contenir ce qui suit: |
| 1° inyandiko igaragaza imiterere y'imari n'imbonerahamwe y'ibidashyirwa mu ifoto y'umutungo; | 1° a statement of financial position and all off-balance sheet; | 1º l'état de la situation financière et les engagements hors bilan; |
| 2° inyandiko yerekana imiterere y'inyungu n'igihombo n'undi musaruro; | 2° a statement of profit and loss and other comprehensive income; | 2º l'état de profit et de perte et autre revenu global; |
| 3° inyandiko igaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse; | 3° a statement of cash flow; | 3º l'état du flux de trésorerie; |
| 4° inyandiko igaragaza ihinduka ry'imari bwite; | 4° a statement of changes in equity; | 4º l'état des variations du capital propre; |
| 5° inyandiko z'ibaruramari; | 5° accounting notes; | 5º les notes comptables; |
| 6° amakuru y'igereranya; | 6° comparative information; | 6º les informations comparatives; |
| 7° inyandiko, amakuru arambuye, imenyekanisha, raporo cyangwa ikindi kintu kijyanye n'uko raporo y'imari ihagaze byafasha Urwego rw'ubugenzuzi gusuzuma imiterere y'imari y'ikigo. | 7° any document, breakdown, declaration, report or situation related to the financial statements that facilitates the supervisory authority to assess the financial situation of the institution. | 7º tout document, ventilation, déclaration, rapport ou situation liée aux états financiers qui facilite l'autorité de contrôle d'évaluer la situation financière de l'institution. |
| Umwaka w'imari w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku itariki ya 31 Ukuboza z'uwo mwaka. | The financial year of a deposit-taking microfinance institution begins on 1st January and ends on 31st December of the same year. | L'exercice financier d'une institution de microfinance de dépôt commence le 1er janvier et se termine le 31 décembre de la même année. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, umwaka w'imari wa mbere utangira ku itariki ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyemereweho gukora ukarangira ku itariki ya 31 Ukuboza z'uwo mwaka. | However, the first financial year begins from the licensing date of the deposit-taking microfinance institution and ends on 31st December of the same year. | Toutefois, le premier exercice financier commence à courir à partir de la date d'agrément de l'institution de microfinance de dépôt jusqu'au 31 décembre de la même année. |
| **Ingingo ya 34: Raporo y'imari ikomatanyije y'isosiyete mbyeyi** | **Article 34: Consolidated account of a parent company** | **Article 34: Compte consolidé d'une société-mère** |
| Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 33 y'iri tegeko, isosiyete mbyeyi y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa itegura raporo y'imari yayo yihariye n'ikomatanyije n'iy'ibindi bigo biyishamikiyeho. | Without prejudice to provisions of Paragraph One of Article 33 of this Law, a parent company of a deposit-taking microfinance institution prepares separate and consolidated financial statements with its subsidiaries. | Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier de l'article 33 de la présente loi, une société mère de l'institution de microfinance de dépôt prépare les états financiers séparés et consolidés avec ceux de ses filiales. |
| **Ingingo ya 35: Gutanga raporo z'imari n'amakuru asabwa** | **Article 35: Submission of financial statements and required information** | **Article 35: Transmission des états financiers et informations requises** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo z'imari zacyo n'inyandiko zijyanye na yo nk'uko biteganywa n'amategeko. | A deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority its financial statements and related documents as provided for by the law. | Une institution de microfinance de dépôt transmet à l'autorité de contrôle ses états financiers et les documents y relatifs tel que prévu par la législation. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyikiriza kandi Urwego rw'ubugenzuzi, igihe icyo ari cyo cyose amakuru yose akenewe mu gusuzuma uko imari yacyo ihagaze. | A deposit-taking microfinance institution also submits to the supervisory authority at any time all required information for the assessment of its financial position. | Une institution de microfinance de dépôt transmet également à l'autorité de contrôle à tout moment toutes les informations requises pour l'évaluation de sa situation financière. |

| | | |
|---|---|---|
| Uburyo raporo z'imari zitegurwa n'igihe izo raporo zishyikirizwa Urwego rw'ubugenzuzi biteganywa n'amabwiriza rusange. | The reporting format of financial statements and the time of their submission to the supervisory authority are provided for by the regulations. | Le format de rapport des états financiers et le temps de leur transmission à l'autorité de contrôle sont prévus par les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Ubugenzuzi bwigenga** | **<u>Article 36</u>: External audit** | **<u>Article 36</u>: Audit externe** |
| Buri kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigenzurwa buri mwaka n'umugenzuzi wigenga uri ku rutonde rw'abagenzuzi bigenga bemewe n'Urwego rw'ubugenzuzi. | Every deposit-taking microfinance institution is audited each year by an external auditor who is on the list of external auditors accredited by the supervisory authority. | Chaque institution de microfinance de dépôt fait l'objet d'audit chaque année par un auditeur externe qui figure sur la liste des auditeurs externes accrédités par l'autorité de contrôle. |
| Umugenzuzi wigenga yirinda igongana ry'inyungu nk'uko biteganyijwe mu mabwiriza. | The external auditor avoids conflict of interest as specified in regulations. | L'auditeur externe évite les conflits d'intérêts comme spécifié dans les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Iyemererwa n'iyirukanwa ry' umugenzuzi wigenga** | **<u>Article 37</u>: Accreditation and revocation of an external auditor** | **<u>Article 37</u>: Accréditation et révocation d'un auditeur externe** |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa mu iyemererwa ry'umugenzuzi wigenga n'uburyo yirukanwa. | The regulations determine the requirements for accreditation of an external auditor as well as the procedures for his or her revocation. | Les règlements déterminent les conditions d'accréditation d'un auditeur externe ainsi que les procédures de sa révocation. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Inshingano z'umugenzuzi wigenga** | **<u>Article 38</u>: Duties of an external auditor** | **<u>Article 38</u>: Attributions d'un auditeur externe** |
| Umugenzuzi wigenga afite inshingano z'ingenzi zikurikira: | The external auditor has the following major duties: | L'auditeur externe a les attributions principales suivantes : |

| | | |
|---|---|---|
| 1º kugenzura ko ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gitegura raporo z'imari hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga byo gutegura raporo y'imari; | 1° to check whether a deposit-taking microfinance institution prepares its financial statements in accordance with international financial reporting standards; | 1º vérifier si l'institution de microfinance de dépôt prépare ses états financiers conformément aux Normes Internationales des Informations Financières ; |
| 2º kumenya ko itangazwa ry'uko imari y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ihagaze ryubahiriza ibipimo mpuzamahanga byo gutegura raporo y'imari n'ingingo z'amategeko n'amabwiriza abigenga; | 2° to ensure that the publication of the financial status of a deposit-taking microfinance institution complies with international financial reporting standards and the relevant regulations. | 2º s'assurer que la publication de la situation financière d'une l'institution de microfinance de dépôt est conforme aux Normes Internationales des Informations Financières et aux règlements en la matière. |
| Amabwiriza rusange agena izindi nshingano umugenzuzi wigenga afite mu gukora akazi ke. | The regulations determine other duties of an external auditor. | Les règlements déterminent d'autres attributions de l'auditeur externe. |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Ububasha bw'umugenzuzi wigenga** | **<u>Article 39</u>: Powers of an external auditor** | **<u>Article 39</u>: Pouvoirs d'un auditeur externe** |
| Umugenzuzi wigenga afite ububasha bukurikira: | An external auditor has the following powers: | Un auditeur externe a les pouvoirs suivants: |
| 1° kugera ku makuru yose, ku bitabo bigaragaza imiterere irambuye ya buri konti, kuri rejisitiri, ku makonti no ku zindi nyandiko z'ibaruramari by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° to have access to all information, ledgers, registers, accounts and other accounting records of the deposit-taking microfinance institution; | 1º avoir accès à toutes les informations, aux grands livres, aux registres, aux comptes et aux autres documents comptables de l'institution de microfinance de dépôt; |
| 2° gusaba ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu | 2° to request from a director, a member of Supervisory Board, a member of | 2º demander à l'administrateur, au membre du Conseil de surveillance, au |

| | | |
|---|---|---|
| buyobozi, ny'iri ikigo cyangwa umukozi w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; amakuru yose cyangwa inyandiko yose akeneye kugira ngo akore ubugenzuzi. | management, the owner or an employee of the deposit-taking microfinance institution any information or document needed to carry out audit. | dirigeant, au propriétaire ou à l'employé de l'institution de microfinance de dépôt toutes les informations ou document nécessaire pour effectuer l'audit. |
| Amabwiriza rusange agena ubundi bubasha umugenzuzi wigenga afite mu gukora akazi ke. | The regulations determine other powers of an external auditor. | Les règlements déterminent d'autres pouvoirs de l'auditeur externe. |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Itangazwa rya raporo y'imari yagenzuwe** | **<u>Article 40</u>: Publication of audited financial statements** | **<u>Article 40</u>: Publication des états financiers audités** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gitangaza raporo y'imari yacyo yagenzuwe mu buryo no mu nzira biteganywa n'amabwiriza rusange. | A deposit-taking microfinance institution publishes its audited financial statements in accordance with modalities and procedures determined by regulations. | Une institution de microfinance de dépôt publie ses états financiers audités conformément aux modalités et procédures fixées par les règlements. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO ZIHARIYE KU MAKOPERATIVE Y'IMARI ICIRIRITSE YAKIRA AMAFARANGA ABITSWA** | **<u>CHAPTER VI</u>: SPECIFIC PROVISIONS TO DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE COOPERATIVES** | **<u>CHAPITRE VI</u>: DISPOSITIONS SPÉCIFIQUES AUX COOPÉRATIVES DE MICROFINANCE DE DÉPÔT** |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abagize Inama y'Ubugenzuzi** | **<u>Article 41</u>: Composition of the Board of Directors and the Supervisory Board** | **<u>Article 41</u>: Composition du Conseil d'Administration et du Conseil de surveillance** |
| Haseguriwe ibiteganywa mu itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda, Inama y'Ubutegetsi n'Imana y'Ubugenzuzi ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa igomba kuba irimo | Subject to the provisions of the Law governing cooperatives in Rwanda, the Board of Directors and the Supervisory Board of a deposit-taking microfinance | Sous réserve des dispositions de la loi régissant les coopératives au Rwanda, le Conseil d'administration et le Conseil de surveillance d'une coopérative de microfinance sont |

| | | |
|---|---|---|
| abanyamuryango n'abatari abanyamuryango ba koperative. | cooperative must comprise both members and non-members of the cooperative. | composés des membres de la coopérative et des non-membres de celle-ci. |
| Inama y'ubutegetsi ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa n'Inama y'Ubugenzuzi ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa zigomba kuba zirimo nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abatari abanyamuryango. | The Board of Directors and the Supervisory Board of a deposit-taking microfinance cooperative must have at least a third (1/3) of the directors who are not members of that cooperative. | Le Conseil d'administration et le Conseil de surveillance d'une coopérative de microfinance doivent avoir au moins un tiers (1/3) d'administrateurs n'étant pas membres de cette coopérative. |
| Amabwiriza rusange agena ibishingirwaho kugira ngo utari umunyamuryango wa koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa atorerwe kuba ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ugize Inama y'Ubugenzuzi. | The regulations determine the requirements for a non-member of a deposit-taking microfinance cooperative to be elected as a director or a member of the Supervisory Board. | Les règlements déterminent les conditions exigées pour qu'un non-membre d'une coopérative de microfinance de dépôt soit élu comme administrateur ou membre du Conseil de surveillance. |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Ibisabwa uwifuza kuba umunyamuryango wa koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 42</u>: Requirements for membership in deposit-taking microfinance cooperative** | **<u>Article 42</u>: Conditions pour être membre d'une coopérative de microfinance de dépôt** |
| Umuntu wifuza kuba umunyamuryango wa koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa agomba: | A person who intends to be a member of a deposit-taking microfinance cooperative must: | Une personne qui désire être membre d'une coopérative de microfinance de dépôt doit: |
| 1° kuba afite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko; | 1° be at least sixteen (16) years old; | 1º être âgée d'au moins seize (16) ans; |
| 2° kuba atagira uruhare mu buryo butaziguye cyangwa buziguye mu bikorwa bibangamira koperative | 2° not participate directly or indirectly in any activity that conflicts with the deposit-taking microfinance | 2º ne pas participer directement ou indirectement aux activités concurrentes à celles de la coopérative de |

| | | |
|---|---|---|
| y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa abereye umunyamuryango; | cooperative of which he or she is a member; | microfinance de dépôt dont elle est membre; |
| 3° kuba yaratanze imigabane ye mu mari shingiro ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa hakurikijwe amategeko shingiro; | 3° have subscribed and paid up his or her shares in the share capital of the deposit-taking microfinance cooperative in accordance with the bylaws; | 3º avoir souscrit et libéré ses parts sociales dans le capital social de la coopérative de microfinance de dépôt conformément aux statuts; |
| 4° kuba yiyemeje gukorana na koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa nk'uko biteganywa n'amategeko shingiro yayo; | 4º be committed to work with the deposit-taking microfinance cooperative as provided for by its bylaws; | 4º s'engager à collaborer avec la coopérative de microfinance de dépôt tel que prévu par les statuts; |
| 5° kubisaba kandi akabyemererwa n'Inteko Rusange ya koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa. | 5° apply for it and be admitted by the General Assembly of the deposit-taking microfinance cooperative. | 5º en faire la demande et être admis par l'Assemblée générale de la coopérative de microfinance de dépôt. |
| Abanyamuryango ba koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa bashobora kugira imigabane itangana. | Members of a deposit-taking microfinance cooperative may have unequal shares. | Les membres d'une coopérative de microfinance de dépôt peuvent détenir des parts sociales inégales. |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Umubare fatizo w'abanyamuryango ba koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 43</u>: Minimum number of members to a deposit-taking microfinance cooperative** | **<u>Article 43</u>: Nombre minimum des membres d'une coopérative de microfinance de dépôt** |
| Umubare fatizo w'abanyamuryango ba koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa ni abanyamuryango magana atanu (500). | The minimum number of members to a deposit-taking microfinance cooperative is five hundred (500). | Le nombre minimum des membres d'une coopérative de microfinance de dépôt est de cinq cent (500). |

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Kujya cyangwa kuva mu ihuriro cyangwa impuzamahuriro** | **<u>Article 44</u>: Affiliation with or disaffiliation from a union or a federation** | **<u>Article 44</u>: Affiliation et désaffiliation d'une union ou d'une fédération** |
| Koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa iyo ifashe icyemezo cyo kujya cyangwa kuva mu ihuriro cyangwa iyo ihuriro rifashe icyemezo cyo kujya cyangwa kuva mu mpuzamahuriro bigomba kubanza kubyemererwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | If a deposit taking microfinance takes a decision to affiliate with or desaffiliate from a union or if a union takes a decision to affiliate with or desaffiliate from a federation, it first seeks approval from the supervisory authority. | Si une coopérative de microfinance de dépôt prend une décision d'affiliation ou de désaffiliation à une union ou si une union prend une décision d'affiliation ou de désaffiliation à une fédération, elle doit d'abord demander l'approbation de l'autorité de contrôle. |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa mu kujya cyangwa kuva mu ihuriro cyangwa mu mpuzamahuriro n'uburyo bikorwa. | The regulations specify requirements and modalities for affiliation and disaffiliation from a union or a federation. | Les règlements déterminent les conditions et modalités d'affiliation et de désaffiliation à une union ou à une fédération. |
| Koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa ntiyemerewe kuba umunyamuryango w'ihuriro rirenze rimwe. Ihuriro ntiryemerewe kuba umunyamuryango w'impuzamahuriro irenze imwe. | A deposit-taking microfinance cooperative is not permitted to affiliate to more than one union. A union is not also permitted to affiliate to more than one federation. | Il est interdit à une coopérative de microfinance de dépôt de s'affilier à plus d'une union. Une union n'est pas non plus autorisée à s'affilier à plus d'une fédération. |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Inshingano z'ihuriro cyangwa impuzamahuriro** | **<u>Article 45</u>: Responsibilities of a union or a federation** | **<u>Article 45</u>: Attributions d'une union ou d'une fédération** |
| Ihuriro cyangwa impuzamahuriro bifite inshingano zikurikira: | A union or a federation has the following responsibilities: | Une union ou une fédération dispose des attributions suivantes: |
| 1° gukora ihwanyabwishyu hagati y'abanyamuryango; | 1° to play the role of clearing agent between its members; | 1º jouer le rôle d'agent de compensation entre ses membres; |
| 2° kwita ku bwisungane mu by'imari; | 2° to ensure financial solidarity; | 2º assurer la solidarité financière; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kwegeranya imari cyangwa ubufasha mu bya tekiniki bituruka hanze yabyo; | 3° to mobilise external financing or external technical assistance; | 3º mobiliser le financement ou l'assistance technique extérieurs ; |
| 4° kwakira imisanzu no guha inguzanyo abanyamuryango babyo; | 4° to accept contributions and provide loans to its members; | 4º accepter des contributions et accorder des prêts à ses membres; |
| 5° gukora irindi shoramari riri mu nshingano yabyo. | 5° to make other investments within its mandate; | 5º effectuer d'autres investissements relevant de sa mission; |
| Amabwiriza rusange ashobora kugena izindi nshingano z'ihuriro n'iz'impuzamahuriro. | The regulations may determine other responsibilities of a union or a federation. | Les règlements peuvent déterminer d'autres attributions de l'union ou de la fédération. |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Ububasha bw'ihuriro cyangwa ubw'impuzamahuriro** | **<u>Article 46</u>: Powers of a union or a federation** | **<u>Article 46</u>: Pouvoirs d'une union ou d'une fédération** |
| Ihuriro cyangwa impuzamahuriro bifite ububasha bukurikira: | A union or a federation has the following powers: | Une union ou une fédération dispose des pouvoirs suivants: |
| 1° kugenzura mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho bisabwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi; | 1° to carry out operations of permanent or non-permanent supervision or inspection upon request by the supervisory authority; | 1° exercer les opérations de contrôle ou d'inspection de façon permanente ou non-permanente sur demande de l'autorité de contrôle; |
| 2° gufata icyemezo gishyira ku isoko inyandiko z'agaciro; | 2° to issue financial instruments; | 2° émettre des instruments financiers; |
| 3° gufata icyemezo cyo gufata inguzanyo mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga. | 3° to resolve to undertake borrowings under the conditions prescribed by relevant laws. | 3° adopter une résolution de contracter des emprunts dans les conditions prévues par la législation en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza rusange agena uburyo abanyamuryango b'ihuriro n'ab'impuzamahuriro bakemura ikibazo cy'ibura ry'amafaranga n'igihe bikorwamo. | The supervisory authority issues regulations determining modalities in which members of a union or a federation cover the liquidity shortage and the period in which the coverage is carried out. | L'autorité de contrôle émet les règlements déterminant les modalités selon lesquelles les membres de l'union ou de la fédération résolvent la pénurie de liquidité ainsi que la période dans laquelle la couverture est effectuée. |
| Amabwiriza rusange ashobora kugena ubundi bubasha bw'ihuriro n'ubw'impuzamahuriro. | The regulations may determine other powers of a union or a federation. | Les règlements peuvent déterminer d'autres pouvoirs de l'union ou de la fédération. |
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: UBUGENZUZI BW'IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA** | **<u>CHAPTER VII</u>: SUPERVISION OF A DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION** | **<u>CHAPITRES VII</u>: CONTRÔLE D'UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT** |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Inshingano z'Urwego rw'Ubugenzuzi mu kugenzura ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 47</u>: Responsibilities of the supervisory authority to supervise a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 47</u>: Attributions de l'autorité de contrôle dans le contrôle d'une institution de microfinance de dépôt** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi rufite inshingano yo kugenzura mu buryo buhoraho ikigo cy'imari iciriritse **c**yakira amafaranga abitswa hagamijwe kureba ko **c**yubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza rusange. Urwego rw'ubugenzuzi rukoresha inshingano yarwo y'ubugenzuzi binyuze muri bumwe cyangwa bwose mu buryo bukurikira: | The supervisory authority is responsible for regular supervision of deposit-taking microfinance institutions to ensure that they comply with the provisions of this Law and regulations. The supervisory authority exercises its supervisory function through any or all of the following methods: | L'autorité de contrôle est responsable du contrôle régulier des institutions de microfinance de dépôt afin d'assurer que lesdites institutions se conforment aux dispositions de la présente loi et des règlements. L'autorité de contrôle exerce sa fonction de contrôle au moyen de l'une ou de toutes les méthodes suivantes: |
| 1° isesengura ry'inyandiko n'amakuru byavuye mu kigo cyagenzuwe; | 1° off-site analysis; | 1° des inspections sur pièces; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° ubugenzuzi bukorewe mu kigo; | 2° onsite inspections; | 2º des inspections sur place; |
| 3° inama zigamije kunoza imicungire n'imikorere mu bigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa; | 3° prudential meetings with deposit-taking microfinance institutions; | 3º des rencontres prudentielles avec les institutions de microfinance ; |
| 4° ubundi buryo bwose bwemewe n'amategeko Urwego rw'ubugenzuzi rubona ko bukwiye. | 4° any other lawful method that the supervisory authority considers appropriate. | 4º une autre méthode légale que l'autorité de contrôle juge appropriée. |
| Ikiguzi cyerekeye igenzura ry'Urwego rw'ubugenzuzi cyishingirwa n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyakorewe ubugenzuzi hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza rusange. | The cost relating to the supervisory function of the supervisory authority is borne by a supervised deposit-taking microfinance institution in accordance with terms and conditions determined in the regulations. | Les frais relatifs à l'exercice de contrôle de l'autorité de contrôle sont à la charge de l'institution de microfinance dépôt étant sous contrôle conformément aux termes et conditions prévus par les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Ububasha bw' Urwego rw'ubugenzuzi mu igenzura ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 48</u>: Powers of the supervisory authority to supervise a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 48</u>: Pouvoirs de l'autorité de contrôle dans le contrôle d'une institution de microfinance de dépôt** |
| Urwego rw'ubugenzuzi, mu igenzura ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, rushobora: | The supervisory authority, in the framework of supervision of deposit-taking microfinance, may: | L'autorité de contrôle, dans le cadre du contrôle des institutions de microfinance de dépôt, peut : |
| 1° gupererereza no kubaza **i**mikorere y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° investigate and inquire into the operations of a deposit-taking microfinance institution; | 1º enquêter et s'enquérir des opérations d'une institution de microfinance de dépôt; |
| 2° gutanga amabwiriza ku micungire myiza y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 2° issue instructions on the proper management of a deposit-taking microfinance institution; | 2º émettre des instructions sur la bonne gestion d'une institution de microfinance de dépôt; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kwinjira mu gihe cyose kandi mu bushishozi bwarwo, mu nyubako runaka y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa aho gikorera imirimo yacyo; | 3° enter, at any time and at its discretion, any premises of the deposit-taking microfinance institution in which it conducts its operations; | 3º entrer, à tout moment, à sa discrétion, dans les locaux de l'institution de microfinance de dépôt dans lesquels elle mène ses opérations; |
| 4° gusaba ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi, umukozi cyangwa intumwa y'ikigo, uko byaba bimeze kose, kugaragaza icungamutungo ry'ikigo, inyandiko, ibitabo by'ibaruramari cyangwa ibitari iby'ibaruramari; | 4° require any director, member of the Supervisory Board, member of management, employee or agent of the institution, as case may be, to produce the institution's accounting, financial or nonfinancial records; | 4º exiger de tout administrateur, membre du Conseil de surveillance, dirigeant, employé ou agent d'une institution, le cas échéant, de fournir des documents comptables, financiers et non-financiers; |
| 5° gusaka aho ari ho hose havuzwe mu gace ka 3° k'iyi ngingo ku byerekeye amafaranga, ibitabo by'ibaruramari n'ibitari iby'ibaruramari cyangwa izindi nyandiko; | 5° search any premises referred to in Item 3º of this Article for money, financial and nonfinancial records, books or other documents; | 5º perquisitionner dans les locaux mentionnés au point 3º du présent article pour argent, des dossiers financiers et non-financiers, livres ou autres documents; |
| 6° gufungura cyangwa gutuma hafungurwa icyumba cyihariye, umutamenwa cyangwa ikindi kibikwamo hakekwa ko harimo inyandiko z'agaciro, ibitabo, konti, porogaramu za mudasobwa cyangwa izindi nyandiko z'ikigo; | 6° open or cause to be opened a strong room, safe or other container in which it is suspected that there are financial instruments, books, records, accounts, computer programs or other documents of the institution; | 6º ouvrir ou faire ouvrir une chambre forte, coffre-fort ou autre conteneur dans lequel il est soupçonné la présence des instruments financiers, livres, dossiers, comptes, programmes informatiques ou autres documents d'une institution; |
| 7° gusuzuma no guhabwa ibice cyangwa kopi z'inyandiko z'agaciro, ibitabo, konti cyangwa izindi nyandiko z'ikigo; | 7° examine and get extracts or copies of financial instruments, books, records, accounts or other documents of the institution; | 7º examiner et obtenir les extraits ou copies des instruments financiers, livres, comptes et autres documents d'une institution; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° gutwara by'igihe gito kandi hakandikwa ko hatwawe inyandiko z'agaciro, ibitabo, konti cyangwa izindi nyandiko zikuwe mu kigo kugira ngo zisuzumwe; | 8° take from the premises of the institution, temporarily and with acknowledgment of receipt, any financial instruments, books, records, accounts or other documents for the purpose of examining them; | 8º déplacer temporairement du lieu de l'institution et contre accusé de réception, des instruments financiers, livres, dossiers, comptes ou autres documents aux fins d'examen; |
| 9° gusaba ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi**,** uri mu buyobozi, umukozi cyangwa intumwa y'ikigo: | 9° require any director, member of the Supervisory Board, member of management, employee or agent of the institution: | 9º exiger d'un administrateur, membre du Conseil de surveillance, dirigeant, employé ou agent d'une institution: |
| a. gusobanura ibyanditse mu bitabo, raporo, konti cyangwa izindi nyandiko z'ikigo; | a. to explain any entry in the books, reports, accounts or other documents of the institution; | a. d'expliquer les enregistrements dans les livres, rapports, comptes ou d'autres documents de l'institution; |
| b. guha Urwego rw'ubugenzuzi amakuru yerekeye imicungire, imiyoborere by'ikigo cyangwa indi mirimo; | b. to provide the supervisory authority with information concerning management, governance or activities of the institution; | b. de fournir à l'autorité de contrôle des informations relatives à la gestion, à la gouvernance ou aux activités de l'institution ; |
| 10° gukoresha ubwo bubasha igihe biri ngombwa hagamijwe kubahiriza inshingano ziteganywa muri iri tegeko. | 10° exercise such powers as may be necessary for the discharge of the responsibilities provided for in this Law. | 10º exercer ces pouvoirs en cas de nécessité en vue de remplir les attributions prévues par la présente loi. |
| Amakuru yose abonetse mu gihe cy'igenzura afatwa nk'ibanga kandi akoreshwa gusa ku mpamvu z'iri tegeko n'itegeko rigenga Urwego rw'ubugenzuzi. | Any information obtained in the course of inspection is treated as confidential and used solely for the purposes of this Law and of the law governing the supervisory authority. | Toutes les informations obtenues lors d'une inspection sont considérées confidentielles et utilisées uniquement aux fins de la présente loi et de la loi régissant l'autorité de contrôle. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, iyi nshingano yo kugira ibanga ntibuza Urwego rw'ubugenzuzi guha amakuru urundi rwego rw'ubugenzuzi hakurikijwe amasezerano y'ubufatanye, urwego rwa Leta, urwego rushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko n'urukiko. | However, this duty of confidentiality does not prohibit the supervisory authority to share information with another supervisory authority under cooperation agreement, Government entity, law enforcement authority and the court. | Toutefois, l'obligation de confidentialité n'interdit pas à l'autorité de contrôle de partager ces informations avec une autre autorité de contrôle en vertu d'un accord de coopération, l'entité publique, l'organe d'exécution de la loi et la juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Igenzura rikomatanyije** | **<u>Article 49</u>: Consolidated supervision** | **<u>Article 49</u>: Contrôle consolidé** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rugenzura itsinda ry'amasosiyete mu buryo bukomatanyije. | The supervisory authority supervises each group of companies on a consolidated basis. | L'autorité de contrôle contrôle chaque groupe d'institutions de sociétés sur base d'un contrôle consolidé. |
| Urwego rw'ubugenzuzi ruhuza kandi rugasesengura amakuru ku mari n'andi makuru y'itsinda ry'amasosiyete mu buryo bukomatanyije, harebwa ko imari shingiro ihagije, amafaranga abitswe, imyenda minini, imyenda minini ku bafitanye isano n'ikigo, igipimo ntarengwa cyo kuguriza n'imiterere y'itsinda ry'amasosiyete. | The supervisory authority collects and analyses financials and other information for a group of companies, on a consolidated basis, covering areas such as capital adequacy, liquidity, large exposures, exposures to related parties, lending limits and group structure. | L'autorité de contrôle collecte et analyse les informations financières et autres informations pour un groupe de sociétés, d'une manière consolidée et couvrant les aspects tels que l'adéquation du capital, la liquidité, les engagements importants, les engagements importants aux personnes apparentées, les limites de prêt et la structure du groupe. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gukumira ibikorwa itsinda rikora n'aho ibyo bikorwa bishobora gukorerwa harimo no gufunga ibiro byaryo mu mahanga iyo itsinda ryanditswe mu Rwanda rubona ko: | The supervisory authority may limit activities that a group conducts and locations in which such activities can be conducted including closing foreign offices, where the group is registered in Rwanda, if it considers that: | L'autorité de contrôle peut limiter les activités menées par un groupe et les lieux dans lesquels ces activités peuvent être entreprises y compris la fermeture des bureaux à l'étranger, lorsque le groupe est enregistré au Rwanda, si elle juge que: |
| 1° umutekano n'icyizere by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa n'itsinda kibarizwamo | 1° the safety and soundness of the deposit-taking microfinance institution and the group to which it | 1° la sécurité et la solidité de l'institution de microfinance de dépôt et du groupe auquel elle appartient sont compromises |

| | | |
|---|---|---|
| byangiritse cyangwa ibikorwa byabyo bibishyira mu ngorane zikabije; | belongs are compromised or their activities expose them to excessive risk; | ou leurs activités les exposent à un fort risque; |
| 2° igenzura ryakozwe n'abandi bagenzuzi ridahagije ugereranyije n'ingorane ibikorwa bigaragaza; | 2° the supervision made by other supervisors is not adequate with regard to the risks that the activities face; | 2º le contrôle effectué par les autres contrôleurs est inadéquat par rapport aux risques auxquels les activités font face; |
| 3° ikorwa ry'igenzura ryimbitse rishingiye ku igenzura rikomatanyije ryagize imbogamizi. | 3° the exercise of effective supervision on a consolidated basis is hindered. | 3º l'exercice d'un contrôle efficace sur base d'un contrôle consolidé est entravé. |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Igenzura ndengamipaka** | **<u>Article 50</u>: Cross border supervision** | **<u>Article 50</u>: Contrôle transfrontalier** |
| Mu gihe isosiyete mbyeyi y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa iherereye mu gihugu cy'amahanga cyangwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gifite ikigo kigishamikiyeho, ishami cyangwa ibiro bigihagarariye mu mahanga, Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gukora amasezerano y'imikoranire n'urwego rushinzwe ubugenzuzi mu gihugu cy'amahanga kugira ngo byorohereze igenzura ndengamipaka no guhererekanya amakuru. | In case a parent company of a deposit-taking microfinance institution is based in a foreign country or if a deposit-taking microfinance institution licensed under this Law has a subsidiary, a branch or a representative office abroad, the supervisory authority may conclude a memorandum of understanding with the home regulator to enable the cross-border supervision and sharing of information. | Lorsqu'une société mère d'une institution de microfinance de dépôt agréée en vertu de la présente loi est implantée dans un pays étranger ou lorsqu'une institution de microfinance de dépôt agréée en vertu de la présente loi possède une filiale, une succursale ou un bureau représentatif à l'étranger, l'autorité de contrôle peut conclure un protocole d'accord avec le régulateur d'origine pour permettre un contrôle transfrontalier et les échanges des informations. |
| Rushingiye ku masezerano y'imikoranire avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Urwego rw'ubugenzuzi rugenzura isosiyete mbyeyi, ikigo kiyishamikiyeho, ishami | Pursuant to the memorandum of understanding mentioned in Paragraph One of this Article, the supervisory authority supervises the parent institution, | Conformément au protocole d'accord mentionné à l'alinéa premier du présent article, l'autorité de contrôle contrôle l'institution mère, les filiales, les succursales et les bureaux |

| | | |
|---|---|---|
| n'uhagarariye ikigo cy'imari iciriritse nyarwanda cyakira amafaranga abitswa cyashinzwe mu mahanga bitabangamiye ububasha bw'umugenzuzi mu gihugu gikoreramo. | subsidiaries, branches and representative offices of any Rwandan deposit-taking microfinance institution established in a foreign country without prejudice to the powers of the supervisory authority of the host country. | représentatifs de toute institution de microfinance rwandaise de dépôt qui sont établis à l'étranger sans préjudice des pouvoirs de l'autorité de contrôle du pays hôte. |
| Umugenzuzi uturutse mu rwego rugenzura mu gihugu cy'amahanga ashobora gukora inshingano ze mu Rwanda zerekeye ubugenzuzi bw'isosiyete mbyeyi, ikigo kiyishamikiyeho, ishami n'uhagarariye ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa byashinzwe mu gihugu cye amaze kubimenyesha Urwego rw'ubugenzuzi mu nyandiko. | An inspector from the supervisory authority of a foreign country may exercise its responsibilities in Rwanda with regard to the supervision of the parent company, subsidiaries and representative offices of a deposit-taking microfinance institution established in his or her country, after a written notification to the supervisory authority. | Un inspecteur de l'autorité de contrôle d'un pays étranger peut remplir ses attributions au Rwanda à l'égard de la société mère, des filiales et des bureaux représentatifs d'une institution de microfinance de dépôt constitués dans son pays après notification écrite à l'autorité de contrôle. |
| **<u>Ingingo ya 51</u>: Raporo y'igenzura ry'Urwego rw'ubugenzuzi** | **<u>Article 51</u>: Inspection report of the supervisory authority** | **<u>Article 51</u>: Rapport d'inspection par l'autorité de contrôle** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushyikiriza raporo y'igenzura Inama y'Ubutegetsi y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyagenzuwe. | The supervisory authority submits the inspection report to the Board of Directors of the inspected deposit-taking microfinance institution. | L'autorité de contrôle transmet le rapport d'inspection au Conseil d'administration de l'institution de microfinance de dépôt inspectée. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyagenzuwe gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama byagaragajwe muri raporo y'igenzura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi cyakiriye raporo. Iyo gahunda igaragaza igihe | The inspected deposit-taking microfinance institution, within thirty (30) days from the date of receipt of the report, submits to the supervisory authority an implementation plan of all recommendations set out in the report. This plan indicates the deadline | L'institution de microfinance de dépôt inspectée transmet à l'autorité de contrôle, endéans trente (30) jours suivant la réception du rapport d'inspection, un plan d'exécution de toutes les recommandations mentionnées dans ledit rapport. Le plan indique le délai d'exécution pour chaque recommandation. |

| | | |
|---|---|---|
| ntarengwa cy'ishyirwa mu bikorwa rya buri cyifuzonama. | within which each recommendation is implemented. | |
| Kuva ku munsi w'itangwa rya gahunda y'ishyirwa mu bikorwa, ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyakorewe igenzura gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo y'ishyirwa mu bikorwa buri gihembwe kugeza ibyifuzonama byose bishyizwe mu bikorwa. | From the date of submission of the implementation plan, the inspected deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority progress implementation report on a quarterly basis until all recommendations are fully implemented. | À partir de la date de soumission du plan d'exécution, l'institution de microfinance de dépôt inspectée soumet à l'autorité de contrôle le rapport trimestriel relatif à l'avancement d'exécution des recommandations jusqu'à leur exécution totale. |
| Iyo bigaragaye ko ikigo cyagenzuwe kitubahirije ibyifuzonama by' Urwego rw'ubugenzuzi, gihabwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganijwe mu mabwiriza rusange. | Where it is proved that the inspected institution did not comply with the recommendations of the supervisory authority, the institution is subject to administrative sanctions provided for in the regulations. | Lorsqu'il est constaté que l'institution inspectée ne s'est pas conformée aux recommandations de l'autorité de contrôle, elle encourt les sanctions administratives prévues dans les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 52</u>: Raporo y'ibikorwa** | **<u>Article 52</u>: Activity report** | **<u>Article 52</u>: Rapport d'activités** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo y'ibikorwa byacyo mu gihe no mu buryo buteganywa n'amabwiriza rusange. | A deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority its activity report at such times and in such form as prescribed in the regulations. | Une institution de microfinance de dépôt transmet à l'autorité de contrôle le rapport de ses activités aux moments et sous la forme prescrits dans les règlements. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kandi giha Urwego rw'ubugenzuzi amakuru yose cyangwa ibisobanuro bisabwa ku bikorwa byacyo. | The deposit-taking microfinance institution also provides the supervisory authority with any requested information or explanation on its operations. | L'institution de microfinance de dépôt fournit aussi à l'autorité de contrôle toutes les informations ou explications demandées sur ses opérations. |
| Umunyamigabane, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi | A shareholder, a director, a member of the Supervisory Board, a member of | Un actionnaire, un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant ou un |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa undi mukozi w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ntashobora kwitwaza ibanga ry'akazi nk'impamvu yo kudatanga amakuru yasabwe n'Urwego rw'ubugenzuzi. | management or any other employee of a deposit-taking microfinance institution cannot invoke the professional secrecy as a ground for non-disclosure of information requested by the supervisory authority. | autre employé d'une institution de microfinance de dépôt ne peut pas invoquer le secret professionnel pour ne pas fournir des informations demandées par l'autorité de contrôle. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kidatanga raporo isabwa muri iyi ngingo gihabwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa mu mabwiriza rusange. | A deposit-taking microfinance institution that fails to submit the report required under this Article is subject to administrative sanctions provided in the regulations. | Une institution de microfinance de dépôt qui ne transmet pas le rapport en vertu du présent article encourt les sanctions administratives prévues par les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 53</u>: Itangwa ry'ububasha bw'igenzura** | **<u>Article 53</u>: Delegation of supervisory powers** | **<u>Article 53</u>: Délégation des pouvoirs de contrôle** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora, binyuze mu nyandiko y'ubwumvikane, gutanga ububasha bwarwo bw'igenzura ku wundi muntu mu rwego rwo gukoresha neza ububasha n'inshingano by'igenzura ruhabwa n'iri tegeko kandi bishingiye ku mpamvu no ku buryo Urwego rw'ubugenzuzi rushobora kubiteganyamo. | The supervisory authority may, through a memorandum of understanding, delegate its supervisory powers to a third party to ensure the effective exercise of its supervisory powers and responsibilities under this Law and on the basis of such conditions and procedures as the supervisory authority may prescribe. | L'autorité de contrôle peut, sur base d'un protocole d'accord, déléguer ses pouvoirs de contrôle à un tiers en vue d'assurer un exercice effectif de ses pouvoirs et attributions de contrôle lui conférés par la présente loi et sur la base des conditions et procédures que l'autorité de contrôle peut établir. |
| Uhawe ububasha udakurikiza ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahabwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi nk'uko biteganywa mu mabwiriza rusange. | The delegate who does not comply with the terms of the memorandum of understanding referred to in Paragraph One of this Article is subject to administrative sanctions as provided for in the regulations. | Le délégataire qui ne se conforme pas aux dispositions du protocole d'accord visé à l'alinéa premier du présent article encourt les sanctions administratives prévues par les règlements. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VIII</u>: INGAMBA ZO KUZAHURA N'IMICUNGIRE IDASANZWE** | **<u>CHAPTER VIII</u>: RECOVERY MEASURES AND RESOLUTIONS** | **<u>CHAPITRE VIII</u>: MESURES DE REDRESSEMENT ET RÉSOLUTIONS** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingamba z'izahura zikozwe n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Section One:</u> Recovery measures by a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Section première</u>: Mesures de redressement par une institution de microfinance de dépôt** |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Ingamba zo guhangana n'ingorane z'ubukungu** | **<u>Article 54</u>: Financial crisis management measures** | **<u>Article 54</u>: Mesures de gestion des crises financières** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba guhorana ingamba n'uburyo bwo guhangana n'ingorane zihariye z'ubukungu zakoreshwa muri icyo gihe n'igihe kizaza. | A deposit-taking microfinance institution must always have financial crisis management measures and modalities for immediate or future use. | Une institution de microfinance de dépôt doit toujours disposer des mesures et des modalités de gestion des crises financières pour utilisation immédiate ou future. |
| Ibikubiye mu ngamba zo guhangana n'ingorane zihariye z'ubukungu bigenwa n'amabwiriza rusange. | The content of financial crisis management measures and modalities is determined by the regulations. | Le contenu des mesures et modalités de gestion des crises financières est déterminé par les règlements. |
| **<u>Ingingo ya 55</u>: Gahunda y'izahura** | **<u>Article 55</u>: Recovery plan** | **<u>Article 55</u>: Plan de redressement** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu bibazo kurushyikiriza gahunda y'izahura kugira ngo ruyemeze mbere yo kuyishyira mu bikorwa iyo Urwego rw'ubugenzuzi rubona ko ikigo gishobora kuzahuka. Gahunda y'izahura y'ikigo cy'imari icirirritse cyakira amafaranga abitswa igaragaza impamvu | The supervisory authority may request a distressed deposit-taking microfinance institution to provide a recovery plan for approval before its implementation if the supervisory authority considers the institution may recover. The recovery plan of a distressed deposit-taking microfinance institution highlights the causes and impact | L'autorité de contrôle peut demander à une institution de microfinance de dépôt en difficultés de fournir un plan de redressement pour approbation avant sa mise en œuvre lorsque l'autorité de contrôle considère que cette institution peut se redresser. Le plan de redressement d'une institution de microfinance de dépôts en difficultés mentionne les causes et |

| | | |
|---|---|---|
| n'ingaruka z'ibibazo kimwe n'ingamba ziboneye zo kubisohokamo. | of the distress, as well as appropriate measures to solve it. | l'impact des difficultés ainsi que les mesures appropriées pour en sortir. |
| **<u>Ingingo ya</u> 56: Ibikubiye muri gahunda y'izahura y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 56:</u> Content of the recovery plan for a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 56</u>: Contenu du plan de redressement d'une institution de microfinance de dépôt** |
| Gahunda y'izahura y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa igomba kuba ishingiye kuri bimwe muri ibi bikurikira: | The recovery plan for a deposit-taking microfinance institution consists of some of the following: | Le plan de redressement d'une institution de microfinance de dépôt se base sur certains des éléments suivants : |
| 1° ibyemezo bigamije kugarura cyangwa gushimangira ukudahungabana kw'imari; | 1° measures designed to restore or strengthen the financial equilibrium; | 1° des mesures de nature à rétablir ou à renforcer l'équilibre financier; |
| 2° guteganya amafaranga y'ingoboka no kuzigama andi; | 2° constitution of provisions and reserves; | 2° constitution des provisions et réserves; |
| 3° guhagarika kwishyura inyungu ku migabane; | 3° suspension of payment of dividends; | 3° suspension du paiement de dividendes; |
| 4° kongera imari shingiro mu mafaranga ndetse n'indi nkunga yose y'amafaranga cyangwa y'ingwate; | 4° increase of the capital in funds, as well as any other financial support or guarantee; | 4° majoration du capital en numéraire ainsi que tout autre soutien financier ou garantie; |
| 5° gusubira mu miterere n'imikorere by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa bikenewe kugira ngo uburyo bwo gukora no gucunga umutungo wacyo burusheho gutungana. | 5° reorganisation of the operating structure of a deposit-taking microfinance institution in order to improve the quality of its operations and management. | 5° réorganisation des structures nécessaires d'une institution de microfinance de dépôt en vue d'améliorer la qualité de ses méthodes de fonctionnement et ses moyens de gestion. |

| | | |
|---|---|---|
| Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyatanze gahunda y'izahura gufata ingamba z'inyongera ku zo cyari cyatanze. | The supervisory authority may request a deposit-taking microfinance institution to take additional measures to the ones submitted before. | L'autorité de contrôle peut demander à une institution de microfinance de dépôt de prendre des mesures supplémentaires à celles antérieurement présentées. |
| **<u>Ingingo ya</u> 57: Iyemezwa rya gahunda y'izahura** | **<u>Article 57:</u> Approval of the recovery plan** | **<u>Article 57:</u> Approbation du plan de redressement** |
| Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze imiterere y'imari y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa igomba kuzahurwa, rusaba abagize Inama y'Ubutegetsi, abari mu Nama y'Ubugenzuzi, abari mu buyobozi, abanyamigabane, abanyamuryango cyangwa abandi bafite uruhare ku mutungo w'icyo kigo, kurugezaho gahunda y'izahurwa, kugira ngo ruyemeze. | Where the supervisory authority realizes that the financial situation of a deposit-taking microfinance institution requires recovery, it requests members of the Board of Directors, members of the Supervisory Board, members of the management, shareholders, members or other persons connected with the property of the institution to submit a recovery plan for approval. | Lorsque l'autorité de contrôle estime que la situation financière d'une institution de microfinance de dépôt mérite un redressement, elle propose aux membres du Conseil d'administration, aux membres du Conseil de surveillance, aux dirigeants, aux actionnaires, aux membres ou aux autres personnes liées au patrimoine de l'institution de lui soumettre un plan de redressement pour approbation. |
| **<u>Ingingo ya 58</u>: Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'izahura** | **<u>Article 58</u>: Implementation of the recovery plan** | **<u>Article 58</u>: Exécution du plan de redressement** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi buri gihembwe n'igihe bibaye ngombwa ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'izahura. Iyo Urwego rw'ubugenzuzi rutanyuzwe n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'izahura, rushobora gushyiraho umucungamutungo wihariye cyangwa gusesa ikigo. | The deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority, on quarterly basis and as often as need be, the implementation progress report of the recovery plan. If the supervisory authority is not satisfied with the implementation of the recovery plan, it may either appoint a special administrator or liquidate the institution. | L'institution de microfinance de dépôt transmet à l'autorité de contrôle trimestriellement et en cas de besoin, le rapport sur l'avancement de l'exécution du plan de redressement. Si l'autorité de contrôle n'est pas satisfaite de l'exécution du plan de redressement, elle peut soit nommer un administrateur spécial ou liquider l'institution. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Imicungire idasanzwe n'ishyirwaho ry'umucungamutungo** | **<u>Section 2</u>: Special management and appointment of an administrator** | **<u>Section 2</u>: Administration spéciale et désignation d'un administrateur** |
| **<u>Ingingo ya 59</u>: Ishyirwaho ry'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 59</u>: Appointment of a special administrator** | **<u>Article 59</u>: Nomination d'un administrateur spécial** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gushyiraho umucungamutungo wihariye mu gihe ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kitashyize mu bikorwa gahunda y'izahura. | The supervisory authority may, if the deposit-taking microfinance institution did not implement the recovery plan, appoint a special administrator. | L'autorité de contrôle peut, si l'institution de microfinance de dépôt n'a pas mis en exécution le plan de redressement, nommer un administrateur spécial. |
| Umucungamutungo wihariye ashobora kuba umwe mu bakozi b'Urwego rw'ubugenzuzi cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi cyashyizweho n'Urwego rw'ubugenzuzi. | The special administrator may be one of the employees of the supervisory authority or any other legal entity appointed by the supervisory authority. | L'administrateur spécial peut être un employé de l'autorité de contrôle ou tout autre personne morale désignée par l'autorité de contrôle. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyorohereza umucungamutungo wihariye kandi kikamuha ubufasha bwose bw'abakozi n'ibikoresho ashobora gukenera. | The deposit-taking microfinance institution provides full cooperation with the special administrator and gives him or her any human and material resources he or she may require. | L'institution de microfinance de dépôt coopère pleinement avec l'administrateur spécial et lui donne toutes les ressources humaines et matérielles qu'il peut requérir. |
| **<u>Ingingo ya 60</u>: Impamvu z'ishyirwaho ry'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 60</u>: Grounds for appointment of a special administrator** | **<u>Article 60</u>: Motifs de nomination d'un administrateur spécial** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gushyiraho umucungamutungo wihariye w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa iyo: | The supervisory authority may appoint a special administrator for a deposit-taking microfinance institution if: | L'autorité de contrôle peut nommer un administrateur spécial d'une institution de microfinance de dépôt lorsque: |
| 1° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kitubahiriza | 1° the deposit-taking microfinance institution does not comply with the | 1° l'institution de microfinance de dépôt ne se conforme pas aux dispositions de la présente loi ou aux règlements; |

| | | |
|---|---|---|
| ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza rusange; | provisions of this Law or with the regulations; | |
| 2° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kitubahiriza ibyo cyemerewe gukora mu gihe cyasabaga uruhushya; | 2° the deposit-taking microfinance institution does not comply with the criteria for which it was licenced; | 2º l'institution de microfinance de dépôt ne se conforme pas aux critères pour lesquels elle a été agréée; |
| 3° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigaragaye mu bikorwa by'imari bigishyira mu ngorane cyangwa mu kaga; | 3° the deposit-taking microfinance institution engages in risky or dangerous financial practices; | 3º l'institution de microfinance de dépôt se livre à des pratiques financières risquées ou dangereuses; |
| 4° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigaragaye mu iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba; | 4° the deposit-taking microfinance institution engages in money laundering or financing of terrorism; | 4º l'institution de microfinance de dépôt se livre aux actes de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme; |
| 5° ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kibangamiye imirimo y'igenzura cyangwa imirimo y'abagenzuzi bigenga; | 5° the deposit-taking microfinance institution obstructs the supervision functions or the work of external auditors; | 5º l'institution de microfinance de dépôt entrave les fonctions de contrôle ou les travaux des auditeurs externes; |
| 6° imiterere y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ibangamira inyungu z'abakibitsamo; | 6° the situation of the deposit-taking microfinance institution endangers interests of its depositors; | 6º la situation de l'institution de microfinance de dépôt met en danger les intérêts des déposants; |
| 7° Urwego rw'ubugenzuzi rubonye ko ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu bihe bidasanzwe by'imicungire y'imari, kidakora mu buryo bwubahirije | 7° the supervisory authority considers that the deposit-taking microfinance institution is in an unsound financial condition, is not operating in accordance with the sound | 7º l'autorité de contrôle considère que l'institution de microfinance de dépôt est en mauvais état financier, ne fonctionne pas selon les pratiques et les procédures administratives et |

| | | |
|---|---|---|
| amahame y'imiyoborere n'imicungire y'umutungo cyangwa kidakurikiza amahame akwiye yo kwirinda ingorane; | administrative and accounting practices and procedures or does not adhere to proper risk management policies; | comptables saines ou ne respecte pas les politiques appropriées de gestion des risques; |
| 8° biri ngombwa kurengera ukudahungabana kw'ibigo by'imari iciriritse muri rusange. | 8° it is necessary to ensure the stability of microfinance institutions in general. | 8º il est nécessaire d'assurer la stabilité des institutions de microfinance en général. |
| **<u>Ingingo ya 61</u>: Itangazwa ry'icyemezo cy'ishyirwaho ry'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 61</u>: Announcement of the decision of appointment of a special administrator** | **<u>Article 61</u>: Annonce de la décision de la nomination d'un administrateur spécial** |
| Urwego rw'ubugenzuzi, mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) nyuma y'ishyirwaho ry'umucungamutungo wihariye, rutangaza icyemezo cy'ishyirwaho mu buryo bukurikira: | The supervisory authority must, within one (1) day after the appointment of a special administrator, announce the decision of appointment as follows: | L'autorité de contrôle doit, endéans un (1) jour après la nomination d'un administrateur spécial, annoncer la décision de la nomination comme suit: |
| 1° binyuze mu bitangazamakuru bisomwa cyangwa byumvwa na benshi; | 1° through the written or audio media with the largest audience; | 1º via les média écrits ou audios à plus large public ; |
| 2° kumanika kopi y'icyemezo cy'ishyirwaho ku mashami yose y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | 2° to display a copy of the decision on appointment in all branches of the deposit-taking microfinance institution. | 2º afficher une copie de la décision de nomination sur toutes les branches de l'institution de microfinance de dépôt. |
| Uburyo bwo gutangaza, inshuro zo gutangaza ndetse n'ibikubiye mu itangazo bigenwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | The announcement modalities, frequency and announcement content are determined by the supervisory authority. | Les modalités d'annonce, la fréquence et le contenu de l'annonce sont déterminés par l'autorité de contrôle. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 62</u>: Raporo y'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 62</u>: Report of a special administrator** | **<u>Article 62</u>: Rapport d'un administrateur spécial** |
| Umucungamutungo wihariye ategura kandi agashyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo y'isesengura ry'ibanze ikubiyemo ibibazo biri mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa n'ibyifuzonama mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yashyiriweho. | The special administrator prepares and submits to the supervisory authority, within thirty (30) days as from the date of his or her appointment, an initial assessment report containing issues of the deposit-taking microfinance institution and recommendations. | L'administrateur spécial prépare et soumet à l'autorité de contrôle un rapport sur l'analyse initiale qui contient des problèmes de l'institution de microfinance de dépôt et des recommandations endéans trente (30) jours à partir de sa nomination. |
| Raporo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo igaragaza niba ikigo gifite ubushobozi bwo kuzahurwa cyangwa niba gikwiye guseswa. Raporo kandi yerekana niba abayobozi n'abakozi b'ikigo bashobora cyangwa badashobora gukomeza imirimo yabo. | The report referred to in Paragraph One of this Article indicates whether the institution is capable of being resolved or requires to be liquidated. The report also indicates whether the leaders and employees of the institution are able or not able to carry on their activities. | Le rapport visé à l'alinéa premier du présent article indique si l'institution est capable d'être redressée ou mérite d'être liquidée. Le rapport indique aussi si les dirigeants et employés de l'institution peuvent ou non continuer leurs activités. |
| Umucungamutungo wihariye ashyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo buri kwezi n'igihe cyose Urwego rw'ubugenzuzi rusanze ari ngombwa. | The special administrator submits to the supervisory authority the monthly report and whenever necessary as may be determined by the supervisory authority. | L'administrateur spécial soumet à l'autorité de contrôle le rapport mensuel et chaque fois que l'autorité de contrôle le juge nécessaire. |
| **<u>Ingingo ya 63</u>: Aho ububasha bwo gukora iperereza bugarukira** | **<u>Article 63</u>: Scope of investigatory powers** | **<u>Article 63</u>: Champs d'application des pouvoirs d'enquête** |
| Umucungamutungo wihariye, mu gihe akoresha ububasha bwe bwo gukora iperereza, agira uburenganzira bwo kugenzura inyandiko yose cyangwa amakuru y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga | A special administrator, during the exercise of his or her investigatory powers, is entitled to check any record or information of a deposit-taking microfinance institution he or she considers necessary and appropriate and | Un administrateur spécial, pendant l'exercice de ses pouvoirs d'enquête, a le droit d'examiner tout document ou information d'une institution de microfinance de dépôt qu'il juge nécessaires et appropriés et poursuivre devant les organes |

| | | |
|---|---|---|
| abitswa abona ko ari ngombwa kandi akwiye, no gukurikirana mu nzego zibifitiye ububasha umuntu wese wagize uruhare mu buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire mibi y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | to pursue, before the competent organs, any person who is directly or indirectly involved in the mismanagement of the deposit-taking microfinance institution. | compétents toute personne directement ou indirectement impliquée dans la mauvaise gestion de l'institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 64</u>: Ububasha bwo kwemeza** | **<u>Article 64</u>: Power for approval** | **<u>Article 64</u>: Pouvoir d'approbation** |
| Umucungamutungo wihariye afite ububasha bwo kwemeza ibyemezo, amabwiriza, amasezerano y'ubucuruzi n'ibikorwa by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa. | A special administrator has the power to approve beforehand decisions, instructions, transactions and operations of a deposit-taking microfinance institution. | Un administrateur spécial a le pouvoir d'approuver au préalable les décisions, instructions, transactions et opérations d'une institution de microfinance de dépôt. |
| Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa bitemejwe n'umucungamutungo wihariye biba imfabusa. | Where acts referred to in Paragraph One of this Article are carried out by a deposit-taking microfinance institution without approval of the special administrator, they are void. | Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont effectués par une institution de microfinance de dépôt sans approbation de l'administrateur spécial, ils sont nuls. |
| **<u>Ingingo ya 65</u>: Ububasha bwo gucunga ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 65</u>: Power to manage a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 65</u>: Pouvoir de gérer une institution de microfinance de dépôt** |
| Umucungamutungo wihariye wahawe ububasha bwo gucunga ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa afite ububasha busesuye bwo gucunga ikigo kimwe n'ububasha bwari bufitwe n'Inama y'Ubutegetsi, Inama y'Ubugenzuzi, Inteko | A special administrator vested with the powers to manage a deposit-taking microfinance institution has full powers to manage that institution as well as the power formerly possessed by the Board of Directors, the Supervisory Board and the | Un administrateur spécial investi du pouvoir de gérer une institution de microfinance de dépôt a les pleins pouvoirs de gérer cette institution ainsi que les pouvoirs qu'avaient le Conseil d'administration, le Conseil de surveillance et l'Assemblée générale des actionnaires et des |

| | | |
|---|---|---|
| Rusange y'abanyamigabane n'iy'abanyamuryango b'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. Abagize Inama y'Ubutegetsi, abagize Inama y'Ubugenzuzi n'abari mu buyobozi bw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa bahererekanya ububasha n'umucungamutungo wihariye mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi yashyiriweho. | General Assembly of shareholders and of members of the deposit-taking microfinance institution. The directors, members of the Supervisory Board and members of the management of a deposit-taking microfinance institution proceed with the handover with the special administrator within five (5) days of his or her appointment. | membres de l'institution de microfinance de dépôt. Les membres du Conseil d'administration, les membres du Conseil de surveillance et les dirigeants de l'institution de microfinance de dépôt procèdent à la remise et reprise avec l'administrateur spécial endéans cinq (5) jours de sa nomination. |
| Umucungamutungo wihariye ashobora, iyo bibaye ngombwa, guhagarika by'agateganyo, ubwishyu bwose cyangwa igice cyabwo, ihererekanya ry'umutungo, irangizwa ry'amasezerano cyangwa ikindi gikorwa cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mu gihe gikwiye. Umucungamutungo wihariye agomba guhita amenyesha abafatanyabikorwa bireba icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo. | A special administrator may, where necessary, suspend, in whole or in part and for an appropriate period of time, any payment, asset transfer, contract execution, or any other operation to be made by a deposit-taking microfinance institution. The special administrator must immediately notify the decision for suspension to the concerned stakeholders. | Un administrateur spécial peut, s'il s'avère nécessaire, suspendre en tout ou en partie et pour une période convenable, un paiement, un transfert de bien, une exécution d'un contrat ou toute opération d'une institution de microfinance de dépôt. L'administrateur spécial doit immédiatement informer les partenaires concernés de la décision de suspension. |
| Ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo ku mutungo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigamije kwishyura ababerewemo imyenda n'ikigo gicungwa n'umucungamutungo wihariye ntiryemewe iyo icyemezo cy'ihagarikwa ry'agateganyo kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo kikiriho. | Enforcement measure on the assets for the payment of creditors of the deposit-taking microfinance institution under the management of a special administrator is not allowed if the suspension period mentioned in Paragraph 2 of this Article is still in place. | Une mesure d'exécution sur les biens en vue du paiement des créanciers de l'institution de microfinance de dépôt sous la direction d'un administrateur spécial n'est pas permise si la suspension mentionnée à l'alinéa 2 du présent article est toujours en vigueur. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 66</u>: Ububasha bwo kongera gutunganya ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 66</u>: Power to resolve a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 66</u>: Pouvoir de résolution de l'institution de microfinance de dépôt** |
| Umucungamutungo wihariye afite ububasha bwo gushyiraho gahunda yo kongera gutunganya ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kandi akayishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi kugira ngo ruyemeze mbere yo kuyishyira mu bikorwa. Gahunda yo kongera gutunganya ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ikubiyemo ingamba zo guhindura ikigo muri rusange harimo: | A special administrator has power to establish a resolution plan of a deposit-taking microfinance institution and submit it to the supervisory authority for approval before its implementation. The resolution plan consists of the transformation strategy of the deposit-taking microfinance institution and generally includes: | Un administrateur spécial a le pouvoir de mettre en place un plan de résolution de l'institution de microfinance de dépôt et le soumettre à l'autorité de contrôle pour approbation avant sa mise en œuvre. Le plan de résolution comprend la stratégie de transformation de l'institution de microfinance de dépôt et comprend en général: |
| 1° kuvugurura imiterere y'ubuyobozi n'iy'ibikorwa by'ikigo; | 1° restructuring of the administrative organisation and the operations of the institution; | 1º la restructuration de l'organisation administrative et des opérations de l'institution; |
| 2° gusaba abanyamigabane cyangwa abanyamuryango kongera imari shingiro cyangwa kwemera abanyamigabane cyangwa abanyamuryango bashya; | 2° recapitalisation by shareholders or members or accepting new shareholders or members; | 2º la recapitalisation par les actionnaires ou membres ou l'acceptation de nouveaux actionnaires ou membres ; |
| 3° kugura cyangwa kugurisha imitungo imwe n'imwe; | 3° purchase or sale of certain assets; | 3º l'achat ou la vente de certains biens; |
| 4° guhagarika ibikorwa cyangwa gushyiraho ibikorwa bishya; | 4° run-off of some products or adoption of new products; | 4º l'arrêt de certains produits ou l'adoption de nouveaux produits; |
| 5° guhindura amadeni mo imigabane; | 5° conversion of debts into shares; | 5º la conversion des dettes en actions; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° gufata imyenda mishya. | 6° contracting new debts. | 6º la contractation de nouvelles dettes. |
| **<u>Ingingo ya 67</u>: Kwiyambaza impuguke** | **<u>Article 67</u>: Recourse to experts** | **<u>Article 67</u>: Recours aux experts** |
| Umucungamutungo wihariye amaze kugisha inama Urwego rw'ubugenzuzi ashobora, kwiyambaza impuguke harimo ababaruramari, abagenzuzi bigenga, abanyamategeko, abagenagaciro b'imitungo itimukanwa n'abandi batanga serivisi bashobora gukenerwa mu kurangiza inshingano ze**.** | A special administrator may, after consultation with the supervisory authority, seek services from experts including accountants, external auditors, lawyers, real estate valuers and other service providers that may be needed in exercise of his or her duties. | Un administrateur spécial peut, après consultation de l'autorité de contrôle, recourir aux services des experts y compris les comptables, auditeurs externes, juristes, évaluateurs immobiliers et autres prestataires de service qui s'avèrent nécessaires dans l'exercice de ses attributions. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyishyura amafaranga agenerwa serivisi z'impuguke ziyambajwe n'umucungamutungo wihariye. | The deposit-taking microfinance institution bears the cost for experts' services required by the special administrator. | L'institution de microfinance de dépôt prend en charge les frais de services des experts requis par l'administrateur spécial. |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Kubaha ububasha bw'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 68</u>: Binding force of powers of the special administrator** | **<u>Article 68</u>: Opposabilité des pouvoirs de l'administrateur spécial** |
| Ububasha bw'umucungamutungo wihariye bwubahirizwa n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ndetse n'abandi bireba. | The powers entrusted to the special administrator bind both the deposit-taking microfinance institution and third parties. | Les pouvoirs accordés à l'administrateur spécial sont opposables à l'institution de microfinance de dépôt et aux tiers. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 69</u>: Inshingano z'umucungamutungo wihariye iyo arangije imirimo ye** | **<u>Article 69</u>: Obligations of a special administrator at the end of mandate** | **<u>Article 69</u>: Obligations de l'administrateur spécial à la fin de la mission** |
| Umucungamutungo wihariye urangije imirimo ye ashyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo y'ibikorwa. | A special administrator, upon completion of his or her mandate, has obligation to submit the activity report to the supervisory authority. | Un administrateur spécial, après l'accomplissement de sa mission, soumet à l'autorité de contrôle le rapport d'activités. |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Umucungamutungo wihariye afite inshingano yo kugira ibanga ry'akazi ku byo yamenye mu gihe yakoraga imirimo ye, na nyuma yo kuyirangiza. | Without prejudice to the provisions of this Law, a special administrator has obligation to keep the professional secrecy he or she obtained during performance of his or her duties and even after expiration of his or her duties. | Sans préjudice des dispositions de la présente loi, un administrateur spécial est tenu au secret professionnel des faits qu'il a connus pendant l'exercice de ses fonctions, même après ces fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 70</u>: Igihembo cy'umucungamutungo wihariye** | **<u>Article 70</u>: Remuneration of a special administrator** | **<u>Article 70</u>: Rémunération d'un administrateur spécial** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyishyura igihembo n'ibindi bigenwa kubera imirimo yakozwe n'umucungamutungo wihariye nk'uko bigenwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | The deposit-taking microfinance institution pays wages and other benefits for services rendered by a special administrator as established by the Supervisory Authority. | L'institution de microfinance de dépôt paye le salaire et autres avantages pour les services de l'administrateur spécial tels que définis par l'autorité de contrôle. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA IX</u>: ISESWA RY'IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA** | **<u>CHAPTER IX</u>: LIQUIDATION OF A DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION** | **<u>CHAPITRE IX</u>: LIQUIDATION D'UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT** |
| **<u>Ingingo ya 71</u>: Iseswa n'impamvu zaryo** | **<u>Article 71</u>: Liquidation and its causes** | **<u>Article 71</u>: La liquidation et ses causes** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa giseswa hegeranywa hanagabagabanywa imitungo yacyo mbere y'uko cyandukurwa mu bitabo. | A deposit-taking microfinance institution is liquidated through collecting and distributing its assets before it is de-registered. | La liquidation d'une institution de microfinance de dépôt se fait en collectant et en distribuant son patrimoine avant d'être radiée. |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishobora guseswa iyo: | A deposit-taking microfinance institution may be liquidated when: | Une institution de microfinance de dépôt peut être liquidée lorsque: |
| 1° byemejwe n'urwego rubifitiye ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° the competent organ in the deposit-taking microfinance institution decides to do so; | 1º l'organe compétent de l'institution de microfinance de dépôt décide de le faire ; |
| 2° bitegetswe n'Urwego rw'ubugenzuzi rushingiye ku mpamvu zivugwa muri iri tegeko. | 2° ordered by the supervisory authority based on the grounds provided in this Law. | 2º l'autorité de contrôle l'ordonne sur base des motifs prévus par la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 72</u>: Ubwoko bw'iseswa** | **<u>Article 72</u>: Modes of liquidation** | **<u>Article 72</u>: Modes de liquidation** |
| Ubwoko bw'iseswa ni ubu bukurikira: | The modes of liquidation are: | Les modes de liquidation sont: |
| 1° iseswa rikozwe ku bushake; | 1° voluntary liquidation; | 1º la liquidation volontaire; |
| 2° iseswa ritegetswe. | 2° forced liquidation. | 2º la liquidation forcée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 73</u>: Iseswa ku bushake** | **<u>Article 73</u>: Voluntary liquidation** | **<u>Article 73</u>: Liquidation volontaire** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyifuza guseswa ku bushake kigomba gusaba Urwego rw'ubugenzuzi mu nyandiko uburenganzira bwo kubikora. | A deposit-taking microfinance institution that intends to be voluntarily liquidated must, in writing, apply for authorisation to do so from the supervisory authority. | Une institution de microfinance de dépôt qui désire être volontairement liquidée doit, par écrit, demander à l'autorité de contrôle l'autorisation de le faire. |
| Ubusabe bw'uruhushya rwo gusesa ku bushake bugomba guherekezwa n'izina ry'ushinzwe iseswa n'icyemezo cy'umugenzuzi wigenga cyemeza ko ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gifite ubushobozi bwo kwishyura ku gihe imyenda yacyo yose. | The application for authorisation to voluntarily liquidate a deposit-taking microfinance institution must be accompanied by the name of liquidator and a statement from an external auditor certifying that the deposit-taking microfinance institution is capable of promptly repaying all its debts. | La demande d'autorisation de liquider volontairement une institution de microfinance de dépôt doit être accompagnée du nom du liquidateur et de l'avis de l'auditeur externe attestant que l'institution de microfinance de dépôt est capable de payer à temps toutes ses dettes. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rusubiza ubusabe bw'uruhushya rwo kwemererwa gusesa ku bushake ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi rwakiriyeho ubusabe. | The supervisory authority responds to the application for authorisation to voluntarily liquidate a deposit-taking microfinance institution within thirty (30) days from the date of receipt of the application. | L'autorité de contrôle réagit à la demande d'autorisation pour liquidation volontaire d'une institution de microfinance de dépôt endéans trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora kwemerera gusesa ku bushake rushingiye ku ngwate z'inyongera kugira ngo ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kirusheho gutanga icyizere cyo kwishyura imyenda yacyo yose mu gihe cyo guseswa. | The supervisory authority may authorise voluntary liquidation subject to the constitution of additional guarantees in order to strengthen the reimbursement capacity of a deposit-taking microfinance institution's commitments during the liquidation process. | L'autorité de contrôle peut autoriser la liquidation volontaire sur base de la constitution de garanties additionnelles pour renforcer la capacité de paiement des engagements d'une institution de microfinance de dépôt pendant le processus de liquidation. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 74</u>: Iseswa ritegetswe** | **<u>Article 74</u>: Forced liquidation** | **<u>Article 74</u>: Liquidation forcée** |
| Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gutegeka iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa iyo: | The supervisory authority may order the forced liquidation of a deposit-taking microfinance institution if: | L'autorité de contrôle peut ordonner la liquidation forcée d'une institution de microfinance de dépôt lorsque: |
| 1° kinaniwe gushyira mu bikorwa gahunda yacyo y'izahura; | 1° it fails to implement its recovery plan; | 1º elle ne parvient pas à mettre en œuvre son plan de redressement; |
| 2° umucungamutungo wihariye abisabye; | 2° the special administrator so recommends; | 2º l'administrateur spécial le recommande; |
| 3° cyahombye kandi bidashoboka ko cyazahurwa; | 3° it is insolvent without any possibility of recovery; | 3º elle est insolvable sans aucune possibilité de redressement; |
| 4° isosiyete mbyeyi y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa iri mu iseswa bikaba byagira ingaruka mbi ku kubaho kw'isosiyete ishamikiye ku yindi; | 4° the parent company of a deposit-taking microfinance institution is in liquidation which may have a negative impact on the sustainability of the subsidiary; | 4º la société mère d'une institution de microfinance de dépôt est en liquidation pouvant avoir un impact négatif sur la survie de la filiale; |
| 5° cyambuwe uruhushya. | 5° its license was revoked. | 5º sa licence a été révoquée. |
| **<u>Ingingo ya 75</u>: Ingaruka z'itangizwa ry'iseswa** | **<u>Article 75</u>: Consequences of liquidation commencement** | **<u>Article 75</u>: Conséquences de l'ouverture de liquidation** |
| Uhereye ku itariki y'itangizwa ry'ikurikirana ry'iseswa ibi bikurikira biba bisubitswe: | Upon the date of commencement of liquidation, the following activities are stayed: | Dès la date d'ouverture de la liquidation, les activités suivantes sont suspendues : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° gutangiza cyangwa gukomeza ibirego biregwamo ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° initiation or continuation of legal claims against a deposit-taking microfinance institution; | 1º introduction ou continuité des demandes en justice contre une institution de microfinance de dépôt ; |
| 2° gukurikirana uburenganzira, inshingano cyangwa uburyozwe ku kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 2° the enforcement of the deposit-taking microfinance institution's rights, obligations and liabilities; | 2º l'application des droits, obligations et responsabilités de l'institution de microfinance de dépôt ; |
| 3° kurangiza imanza zirebana n'umutungo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 3° the execution of court rulings related to the assets of the deposit-taking microfinance; | 3º l'exécution des jugements relatifs au patrimoine de la microfinance de dépôt ; |
| 4° uburenganzira bwo guhagarika amasezerano y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 4° the right to suspend the contracts to which the deposit-taking microfinance institution is party; | 4º le droit de suspendre les contrats auxquels l'institution de microfinance de dépôt est partie ; |
| 5° uburenganzira bwo guhererekanya, gutangaho ingwate cyangwa bwo gukoresha umutungo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa . | 5° the right to transfer, mortgage or use the assets of the deposit-taking microfinance institution. | 5º le droit de transférer, d'hypothéquer ou d'utiliser le patrimoine de l'institution de microfinance de dépôt. |
| Ibivugwa muri iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bwo gutanga ibirego cyangwa ikurikirana ry'abantu ku giti cyabo babereyemo umwenda ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The provisions of this Article do not preclude the right to initiate legal claims against individual debtors of the deposit-taking microfinance institution. | Les dispositions du présent article n'excluent pas le droit d'engager des demandes en justice contre les débiteurs individuels de l'institution de microfinance de dépôts. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 76</u>: Kugumana ubuzimagatozi** | **<u>Article 76</u>: Retaining legal personality** | **<u>Article 76</u>: Rétention de la personnalité juridique** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigumana ubuzimagatozi kugeza iseswa rirangiye. | A deposit-taking microfinance institution retains its legal personality until the end of the liquidation. | Une institution de microfinance de dépôt garde sa personnalité juridique jusqu'à la fin de la liquidation. |
| Izina ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa rigomba gukurikirwa n'amagambo "kiri mu iseswa", mu bikorwa byose bikozwe mu izina ry'ikigo n'aho icyo kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri gukorera ibikorwa byacyo hose. | The name of the deposit-taking microfinance institution undergoing liquidation must be followed by the words "in liquidation", in all acts performed on behalf of the institution and everywhere the deposit-taking microfinance institution is performing its activities. | Le nom de l'institution de microfinance de dépôt en liquidation doit être suivi des mots "en liquidation", dans tous les actes effectués au nom de l'institution et partout où l'institution de microfinance de dépôt exerce ses activités. |
| **<u>Ingingo ya 77</u>: Ishyirwaho n'ikurwaho ry'ushinzwe iseswa** | **<u>Article 77</u>: Appointment and dismissal of a liquidator** | **<u>Article 77</u>: Nomination et révocation d'un liquidateur** |
| Mu gihe cy'iseswa ku bushake, urwego rubifitiye ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa rushyiraho ushinzwe iseswa kandi akemezwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. Mu gihe ushinzwe iseswa adashoboye imirimo cyangwa yitwaye nabi akurwaho n'urwego rubifitiye ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyangwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | In case of voluntary liquidation, the liquidator is appointed by the competent organ in the deposit-taking microfinance institution and approved by the supervisory authority. In case of incompetence or misconduct, the liquidator is dismissed by the competent organ in the deposit-taking microfinance institution or by the supervisory authority. | Dans le cas d'une liquidation volontaire, le liquidateur est nommé par l'organe compétent de l'institution de microfinance de dépôt et est approuvé par l'autorité de contrôle. En cas d'incompétence ou de mauvaise conduite, le liquidateur est révoqué par l'organe compétent de l'institution de microfinance de dépôt ou par l'autorité de contrôle. |
| Mu gihe ushinzwe iseswa akuweho n'urwego rubifitiye ububasha rw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa byemezwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | In case the liquidator is dismissed by the competent organ in the deposit-taking microfinance institution, this is approved by the supervisory authority. | Lorsque le liquidateur est révoqué par l'organe compétent de l'institution de microfinance de dépôt, cela est approuvé par l'autorité de contrôle. |

| | | |
|---|---|---|
| Mu gihe cy'iseswa ritegetswe, ushinzwe iseswa ashyirwaho kandi agakurwaho n'Urwego rw'ubugenzuzi. | For the case of forced liquidation, the liquidator is appointed and dismissed by the supervisory authority. | Dans le cas de la liquidation forcée, le liquidateur est nommé et révoqué par l'autorité de contrôle. |
| Mu gihe cy'iseswa ku bushake cyangwa mu gihe cy'iseswa ritegetswe, ushinzwe iseswa ashyirwaho mbere yo gutangaza icyemezo cy'iseswa. | In case of voluntary or forced liquidation, a liquidator is appointed before publication of the decision of the liquidation. | En cas de liquidation volontaire ou de liquidation forcée, le liquidateur est nommé avant la publication de la décision de liquidation. |
| **<u>Ingingo ya 78:</u> Iyemererwa ry'ushinzwe iseswa** | **<u>Article 78</u>: Accreditation of a liquidator** | **<u>Article 78</u>: Accréditation du liquidateur** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi rutangaza urutonde ruhujwe n'igihe rw'abemerewe gukora isesa mu bigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa ku rubuga rwarwo rwa interineti. | The supervisory authority publishes on its website an updated list of accredited liquidators of the deposit-taking microfinance institutions. | L'autorité de contrôle publie sur son site internet une liste mise à jour des liquidateurs accrédités des institutions de microfinance de dépôt. |
| Amabwiriza rusange agena uburyo bwo kwemererwa n'ibisabwa usaba kuba ushinzwe isesa. | The regulations determine modalities for accreditation and requirements to be a liquidator. | Les règlements déterminent les modalités d'accréditation et les conditions pour être liquidateur. |
| **<u>Ingingo ya 79</u>: Gutangaza icyemezo cy'*iseswa*** | **<u>Article 79</u>: Publication of a liquidation decision** | **<u>Article 79</u>: Publication d'une décision de liquidation** |
| Icyemezo cy'iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gitangazwa mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) uhereye ku munsi Urwego rw'ubugenzuzi rwacyemerejeho. Icyemezo cy'iseswa gitangazwa mu buryo bukurikira: | The decision for liquidation of a deposit-taking microfinance institution is published within One (1) day from the date it was approved by the supervisory authority. The liquidation decision is published as follows: | La décision de liquidation d'une institution de microfinance de dépôt est publiée endéans un (1) jour à compter de la date à laquelle elle a été approuvée par l'autorité de contrôle. La décision de liquidation est publiée comme suit: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° binyuze mu bitangazamakuru bisomwa cyangwa byumvwa na benshi; | 1° through the written or audio media with the largest audience; | 1° via les média écrits ou audios à plus large public ; |
| 2° kumanika kopi y'icyemezo cy'iseswa ku mashami yose y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | 2° to display a copy of the decision on liquidation in all branches of the deposit-taking microfinance institution. | 2° afficher une copie de la décision de liquidation sur toutes les branches de l'institution de microfinance de dépôt. |
| Uburyo bwo gutangaza, inshuro zo gutangaza ndetse n'ibikubiye mu itangazo bigenwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | The publication modalities, frequency and the content of the announcement are determined by the supervisory authority. | Les modalités et la fréquence de publication, ainsi que le contenu de l'annonce sont déterminés par l'autorité de contrôle. |
| **<u>Ingingo ya 80</u>: Inshingano z'ushinzwe *iseswa*** | **<u>Article 80</u>: Duties of the liquidator** | **<u>Article 80</u>: Attributions du liquidateur** |
| Ushinzwe iseswa afite inshingano zikurikira: | The liquidator has the following duties: | Le liquidateur a les attributions suivantes : |
| 1° gukusanya umutungo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa; | 1º to collect assets of a deposit-taking microfinance institution under liquidation; | 1º collecter le patrimoine d'une institution de microfinance de dépôt en liquidation; |
| 2° kwishyura ababerewemo imyenda akurikije uburyo buteganywa muri iri tegeko. | 2º to pay creditors in accordance with the modalities provided by this Law; | 2º payer les créanciers conformément aux modalités prévues par la présente loi; |
| 3° gukora indi nshingano ifitanye isano n'iseswa yahabwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | 3º to perform such other duty related to liquidation as may be assigned by the supervisory authority. | 3º exécuter toute autre tâche liée à la liquidation qui peut lui être confiée par l'autorité de contrôle. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 81</u>: Ububasha bw'ushinzwe iseswa** | **<u>Article 81</u>: Powers of the liquidator** | **<u>Article 81</u>: Pouvoirs du liquidateur** |
| Mu rwego rwo kurangiza inshingano ze, ushinzwe iseswa afite ububasha bukurikira: | In order to carry out his or her duties, the liquidator has powers to: | Pour s'acquitter de ses attributions, le liquidateur a les pouvoirs de: |
| 1° gusinya no gushyira mu bikorwa inyandiko cyangwa ibyemezo byose mu izina ry'ikigo kiri mu iseswa; | 1° sign and execute all acts or decisions on behalf of institution under liquidation; | 1º signer et exécuter tous les actes ou décisions au nom de l'institution en liquidation; |
| 2° guhagararira mu buryo bwemewe n'amategeko ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa; | 2° legally represent the deposit-taking microfinance institution under liquidation; | 2º représenter légalement l'institution de microfinance de dépôt en liquidation; |
| 3° kwifashisha mu gihe ari ngombwa abanyamategeko, abanoteri, abacungamari, abagenagaciro n'izindi nzobere; | 3° seek, where necessary, services from lawyers, notaries, accountants, valuers and other professional experts; | 3º solliciter, en cas de nécessité, les services de juristes, de notaires, de comptables, d'évaluateurs et d'autres experts professionnels ; |
| 4° kugurisha umutungo wimukanwa n'utimukanwa w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa muri cyamunara cyangwa ku bwumvikane; | 4° sell movable and immovable assets of the deposit-taking microfinance institution under liquidation at public auction or by mutual agreement; | 4º vendre aux enchères publiques ou de commun accord les biens meubles et immeubles de l'institution de microfinance de dépôts en liquidation; |
| 5° gutesha agaciro ibikorwa byose byakozwe n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa hatubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko nyuma y'itangazwa ry'icyemezo kimushyiraho; | 5° declare null any acts carried out by the deposit-taking microfinance institution under liquidation in breach of this Law after the publication of his or her appointment decision; | 5º déclarer nul tous les actes accomplis par l'institution de microfinance de dépôt en liquidation en violation de la présente loi après la publication de la décision de sa nomination; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° gusaba amakuru cyangwa izindi nyandiko ku ugize Inama y'ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi, undi mukozi, umugenzuzi wigenga cyangwa undi muntu wese bakoze inshingano mu kigo kiri mu iseswa; | 6° request for information or documents from a director, a member of the Supervisory Board, a member of management, other employee, external auditor or any other person who performed certain duties in the institution under liquidation; | 6º demander les informations ou documents à un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant, autre employé, auditeur externe ou toute autre personne ayant exercé certaines attributions dans l'institution en liquidation; |
| 7° gukora iperereza kugira ngo hamenyekane impamvu z'igihombo cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa no kugaragaza uruhare rwa buri munyamigabane, ugize Inama y'ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi, cyangwa undi mukozi bireba bateje icyo gihombo no kubakurikirana mu nzego zibifitiye ububasha; | 7° carry out investigation to determine the causes of bankruptcy of the deposit-taking microfinance institution under liquidation and to identify individual responsibility of each shareholder, director, member of the Supervisory Board, member of management and any other concerned employee that led to such bankruptcy and refer them before the competent organs; | 7º mener une enquête pour déterminer les causes de la faillite de l'institution de microfinance de dépôt en liquidation et indiquer la responsabilité individuelle de chaque actionnaire, administrateur, membre du Conseil de surveillance, dirigeant et tout autre employé concerné ayant conduit à cette faillite et les poursuivre devant les organes compétents; |
| 8° gutambamira ikoreshwa ry'umutungo w'umunyamigabane, uw'ugize Inama y'Ubutegetsi, uw'ugize Inama y'Ubugenzuzi, uw'uri mu buyobozi cyangwa uw'umukozi wagize uruhare mu gihombo cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa cyangwa guhagarika konti ye; | 8° object to the use of assets belonging to a shareholder, a director, a member of the Supervisory Board, a member of management or to an employee involved in the bankruptcy of the deposit-taking microfinance institution under liquidation or freeze their accounts; | 8º faire opposition à l'utilisation des biens appartenant à un actionnaire, à un administrateur, à un membre du conseil de surveillance, à un dirigeant ou à un employé impliqué dans la faillite de l'institution de microfinance de dépôt en liquidation ou geler leurs comptes; |

| | | |
|---|---|---|
| Ibiteganywa mu gace ka 3°, aka 4° n'aka 5° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bibanza kwemerwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. | The provisions of items 3°, 4° and 5° of Paragraph One of this Article require prior approval by the supervisory authority. | Les dispositions des points 3°, 4° et 5° de l'alinéa premier du présent article exigent l'approbation préalable de l'autorité de contrôle. |
| **<u>Ingingo ya 82</u>: Gutangira imirimo y'ushinzwe iseswa** | **<u>Article 82</u>: Assuming office by the liquidator** | **<u>Article 82</u> : Prise de fonction par le liquidateur** |
| Ushinzwe iseswa atangira imirimo ye ku munsi yashyiriweho. | A liquidator assumes office from the date of his or her appointment. | Un liquidateur prend fonction à compter de la date de sa nomination. |
| Inama y'Ubutegetsi yariho y'ikigo kiri mu iseswa ihererekanya ububasha n'ushinzwe iseswa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi yashyiriweho. | The former Board of Directors of an institution under liquidation hands over to the liquidator within five (5) days as from the date of his or her appointment. | L'ancien Conseil d'administration d'une institution en liquidation procède à la remise et reprise avec le liquidateur endéans cinq (5) jours de sa nomination. |
| Iyo ikigo gicungwa n'umucungamutungo wihariye, ihererekanyabubasha rikorwa hagati ye n'ushinzwe iseswa. | If the institution is managed by a special administrator, the handover is carried out between the special administrator and the liquidator. | Si l'institution est gérée par un administrateur spécial, la remise et reprise est effectuée entre l'administrateur spécial et le liquidateur. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rukurikirana ihererekanyabubasha rivugwa muri iyi ngingo. | The supervisory authority supervises the handover referred to in this Article. | L'autorité de contrôle supervise la remise et reprise visée au présent article. |
| **<u>Ingingo ya 83</u>: Igenwa ry'amafaranga *y'iseswa* n'ikindi kiguzi kirebana na ryo** | **<u>Article 83</u>: Determination of a liquidation fees and other related costs** | **<u>Article 83</u>: Détermination des frais de liquidation et autres coûts y relatifs** |
| Urwego rubifitiye ububasha mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa rugena amafaranga y'ushinzwe iseswa n'ibindi biguzi mu gihe cy'iseswa ku bushake naho | A competent organ in the deposit-taking microfinance institution determines the fee and other costs of the liquidator in case of voluntary liquidation while the supervisory | L'organe compétent de l'institution de microfinance de dépôt détermine les frais et autres coûts à payer au liquidateur en cas de liquidation volontaire alors que l'autorité de |

| | | |
|---|---|---|
| Urwego rw'ubugenzuzi rugena amafaranga y'ushinzwe iseswa n'ikindi kiguzi mu gihe cy'iseswa ritegetswe. | authority determines the fee and other costs of liquidator in case of forced liquidation. | contrôle détermine les frais et autres coûts du liquidateur en cas de liquidation forcée. |
| Mu gihe cy'iseswa rikozwe ku bushake cyangwa ritegetswe, amafaranga n'ikindi kiguzi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yishyurwa n'ikigo kiri mu iseswa. | For the case of voluntary or forced liquidation, the fees and other costs referred to in Paragraph One of this Article are born by the institution under liquidation. | Dans le cas de la liquidation volontaire ou forcée, les frais et les autres coûts visés à l'alinéa premier du présent article sont à la charge de l'institution en liquidation. |
| **<u>Ingingo ya 84</u>: Gushyikiriza gahunda y'iseswa Urwego rw'Ubugenzuzi** | **<u>Article 84</u>: Submission of the liquidation plan to the supervisory authority** | **<u>Article 84</u>: Transmission du plan de liquidation à l'autorité de contrôle** |
| Ushinzwe iseswa, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi w'ihererekanyabubasha, ashyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi gahunda y'iseswa y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The liquidator, within thirty (30) days from the date of handover, submits to the supervisory authority the liquidation plan of a deposit-taking microfinance institution. | Le liquidateur, endéans trente (30) jours à compter de la date de la remise et reprise, soumet à l'autorité de contrôle le plan de liquidation d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 85</u>: Ibigize gahunda y'iseswa** | **<u>Article 85</u>: Content of the liquidation plan** | **<u>Article 85</u>: Contenu du plan de liquidation** |
| Gahunda y'iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa igizwe n'ibi bikurikira: | A liquidation plan for a deposit-taking microfinance institution under liquidation consists of: | Un plan de liquidation pour une institution de microfinance de dépôt en liquidation comprend: |
| 1° inyandiko irambuye y'umutungo; | 1° a detailed statement of assets; | 1º un état détaillé du patrimoine; |
| 2° inyandiko irambuye igaragaza urutonde rw'ababerewemo imyenda, rugaragaza ingano ya buri mwenda, izigamiye cyangwa itazigamiye, | 2° a detailed statement of liabilities specifying the amount of each claim, the secured or unsecured claims and whether they are contested or not; | 2º un état détaillé du passif précisant le montant de chaque créance, les créances garanties ou non garanties et si elles sont contestées ou non; |

| | | |
|---|---|---|
| igibwaho impaka n'itagibwaho impaka; | | |
| 3° urutonde rw'abafitiye imyenda ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa rugaragaza ingano yayo, iyatangiwe ingwate n'itarazitangiwe, ibigibwaho impaka n'ibitagibwaho impaka; | 3° the list of debtors of a deposit taking microfinance institution specifying the amount of each debt, the secured or unsecured debts and whether they are contested or not; | 3º la liste des débiteurs de l'institution de microfinance de dépôt précisant le montant de chaque créance, les créances garanties ou non garanties et si elles sont contestées ou non; |
| 4° gahunda y'iseswa ikubiyemo ibikorwa bya ngombwa bizakorwa n'igihe bizakorerwa. | 4° the liquidation roadmap including key activities to be performed and their implementation timeline. | 4º le plan de liquidation comprenant les principales activités à réaliser et le calendrier de leur exécution. |
| **<u>Ingingo ya 86</u>: Ibitekerezo kuri gahunda y'iseswa** | **<u>Article 86</u>: Observations on the liquidation plan** | **<u>Article 86</u>: Observations sur le plan de liquidation** |
| Umuntu wese ashobora gutanga ibitekerezo cyangwa ubusabe birebana na gahunda y'iseswa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi iyo gahunda yatangarijweho. Iyo icyo gihe kirangiye, nta bitekerezo cyangwa ubusabe bishobora kwemerwa keretse iby'ababikijemo. | Any person may express his or her observations or claims concerning the liquidation plan within sixty (60) days as from the date of publication of the plan. If this period elapses, no observation or claim is accepted except for depositors. | Toute personne peut faire des observations ou réclamations sur le plan de liquidation endéans soixante (60) jours à compter de la date de publication de ce plan. Passé ce délai, aucune observation ou réclamation n'est acceptée sauf celle des déposants. |
| Ushinzwe iseswa amenyesha umuntu uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, mu nyandiko kandi akemeza ko abyakiriye, igisubizo cye kuri ibyo bitekerezo cyangwa ubusabe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yakiriyeho ibyo bitekerezo cyangwa ubusabe. | The liquidator communicates to the person referred to in Paragraph One of this Article, in writing and against acknowledgment of receipt, his or her response on those observations or claims within thirty (30) days as from the date of receipt of observations or claims. | Le liquidateur communique à la personne visée à l'alinéa premier du présent article, par écrit et contre accusé de réception, sa réponse à ces observations ou réclamations endéans trente (30) jours à compter de la date de réception des observations ou réclamations. |

| | | |
|---|---|---|
| Ushinzwe iseswa ashobora, iyo bibaye ngombwa, gutumiza inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamuryango cyangwa abanyamigabane cyangwa ababereyemo imyenda ikigo kiri mu iseswa kugira ngo baganire ku buryo iseswa rikorwa. | The liquidator may, where necessary, convene a meeting of creditors, members or shareholders or the debtors of the institution under liquidation to discuss the liquidation procedure. | Le liquidateur peut, si nécessaire, convoquer une réunion des créanciers, des membres ou des actionnaires ou les débiteurs de l'institution en liquidation pour discuter de la procédure de liquidation. |
| Ababerewemo imyenda, abanyamuryango n'abanyamigabane bashobora guhitamo ababahagararira mu gihe cy'iseswa hakurikijwe amategeko abigenga. | The creditors, members or shareholders may select their representatives during the liquidation process in accordance with the relevant laws. | Les créanciers, les membres ou les actionnaires peuvent choisir leurs représentants dans le processus de liquidation conformément aux lois en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 87</u>: Gahunda ya nyuma y'iseswa** | **<u>Article 87</u>: Final liquidation plan** | **<u>Article 87</u>: Plan de liquidation définitif** |
| Ushinzwe iseswa ashyiraho gahunda ya nyuma y'iseswa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi yasubirijeho ibitekerezo cyangwa ubusabe bwa nyuma. Gahunda ya nyuma y'iseswa ishyikirizwa Urwego rw'ubugenzuzi. | The liquidator establishes the final liquidation plan within sixty (60) days from the date on which he or she responded to the last observation or claim. The final liquidation plan is submitted to the supervisory authority. | Le liquidateur met en place le plan de liquidation définitif endéans soixante (60) jours à compter de la date à laquelle il a répondu à la dernière observation ou réclamation. Le plan de liquidation définitif est soumis à l'autorité de contrôle. |
| **<u>Ingingo ya 88</u>: Urutonde rw'abishyurwa ku mutungo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisheshwe** | **<u>Article 88</u>: Creditor relief ranking of a liquidated deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 88</u>: Rang de désintéressement de créanciers de l'institution de microfinance de dépôt liquidée** |
| Igihe cyose ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisheshwe, ibivuye mu mutungo wacyo n'ingwate, uretse amafaranga ahemba imirimo ijyanye n'iseswa, bigabanywa ibyiciro binyuranye by'abafitiwe imyenda. | In any liquidation of deposit-taking microfinance institution, the proceeds from the sale of assets and guarantees, minus costs associated with the liquidation, are distributed to the various categories of creditors. | Dans toute liquidation d'une l'institution de microfinance de dépôt, le produit de la réalisation de l'actif et des garanties, déduction faite des dépenses liées à la liquidation, est distribué aux différentes catégories de créanciers. |

| | | |
|---|---|---|
| Ikigega gifite mu nshingano ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe mu ma banki no mu bigo by'imari iciriritse hakurikijwe itegeko rikigenga ni cyo cyishyurwa mbere umubare w'amafaranga yasubijwe ababitsaga mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyasheshwe. | The fund in charge of guarantee for deposits in banks and microfinance institutions is, in accordance with the law governing it, the first to be reimbursed to the extent of sums repaid to the depositors of the liquidated deposit-taking microfinance institution. | Le fonds ayant la garantie des dépôts en banques ou institutions de microfinance dans ses attributions est, conformément à la loi le régissant, le premier à être désintéressé du montant des fonds remboursés aux déposants de l'institution de microfinance de dépôt liquidée. |
| Umutungo usigaye ugomba gusaranganywa abandi baberewemo imyenda ku buryo bukurikira: | The remaining balance must be distributed to other creditors in the following order: | Le solde restant est distribué à d'autres créanciers dans l'ordre suivant: |
| 1° ababikije amafaranga atishingiwe n'ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga abikijwe; | 1° depositors for sums not insured by the deposit guarantee fund; | 1° les déposants des sommes non assurées par le fonds de garantie des dépôts; |
| 2° abandi ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kibereyemo imyenda hakurikijwe ibirebana n'itegeko ryerekeye igihombo. | 2° other creditors of the deposit-taking microfinance institution in accordance with the law relating to insolvency. | 2° d'autres créanciers de l'institution de microfinance de dépôt conformément à la loi relative à l'insolvabilité. |
| Uko umutungo n'ingwate bigenda biboneka n'uko icyiciro kimwe cy'ababerewemo umwenda baba bamaze kwishyurwa amafaranga yose, amafaranga asigaye agabanywa ababerewemo umwenda bo mu cyiciro gikurikiyeho hashingiwe ku kigero cy'uko umwenda wa buri wese ungana. | As assets and guarantees are sold off and each time a category of creditor is completely paid off, the remainder is distributed to creditors belonging to the following category in proportion to their respective claims. | Au fur et à mesure de la réalisation de l'actif et des garanties, et chaque fois qu'une catégorie de créanciers est totalement désintéressée, le reliquat est distribué aux créanciers de la catégorie suivante au prorata de leurs créances. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 89</u>: Amafaranga atarahawe bene yo**<br><br>Iyo gahunda y'iseswa irangiye, amafaranga atarahawe bene yo ashyikirizwa Urwego rw'ubugenzuzi.<br><br>Amafaranga yashyikirijwe Urwego rw'ubugenzuzi mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo asubizwa ba nyira yo babisabye. Iyo hashize igihe kirenze imyaka ibiri (2) uhereye ku munsi yashyikirijweho Urwego rw'ubugenzuzi, ayo mafaranga afatwa nk'imitungo yasizwe na bene yo kandi agacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.<br><br>**<u>Ingingo ya 90</u>: Raporo y'iseswa ya buri gihembwe**<br><br>Ushinzwe iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ashyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo y'ibikorwa by'iseswa byakozwe buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.<br><br>**<u>Ingingo ya 91</u>: Igihe iseswa rimara na raporo y'isoza ryaryo**<br><br>Ushinzwe iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa agomba gukora imirimo ijyanye n'iseswa mu gihe kitarenze | **<u>Article 89</u>: Funds not disbursed to beneficiaries**<br><br>Upon completion of the liquidation process, funds not disbursed to beneficiaries are deposited to the supervisory authority.<br><br>The funds deposited at the supervisory authority as specified in Paragraph One of this Article are disbursed to a beneficiary who request it. After two (2) years from the date on which they were deposited to the supervisory authority, such funds are considered as abandoned property and managed in accordance with the relevant legislation.<br><br>**<u>Article 90</u>: Quarterly liquidation report**<br><br>The liquidator of the deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority every quarter and whenever necessary, a report on liquidation activities performed.<br><br>**<u>Article 91</u>: Duration of the liquidation and the liquidation closing report**<br><br>The liquidator of the deposit-taking microfinance institution under liquidation must carry out the activities of the liquidation | **<u>Article 89</u>: Fonds non remis aux bénéficiaires**<br><br>À l'issue du processus de liquidation, les fonds non remis par leurs bénéficiaires sont déposés à l'autorité de contrôle.<br><br>Les fonds déposés auprès de l'autorité de contrôle tel que prévu à l'alinéa premier du présent article sont remis aux bénéficiaires qui en font la demande. Après deux (2) ans à compter de la date de dépôt auprès de l'autorité de contrôle, ces fonds sont considérés comme des biens abandonnés et gérés conformément à la législation en la matière.<br><br>**<u>Article 90</u>: Rapport trimestriel de liquidation**<br><br>Le liquidateur de l'institution de microfinance de dépôt soumet à l'autorité de contrôle chaque trimestre et chaque fois que de besoin, un rapport sur les activités de liquidation effectuées.<br><br>**<u>Article 91</u>: Durée de liquidation et le rapport de clôture de la liquidation**<br><br>Le liquidateur de l'institution de microfinance de dépôt en liquidation doit exercer les activités de liquidation endéans deux (2) ans à compter |

| | | |
|---|---|---|
| imyaka ibiri (2) uhereye ku munsi yashyiriweho. Icyakora, icyo gihe gishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa iyo bibaye ngombwa byemejwe n'Urwego rw'ubugenzuzi. | process within two (2) years from the date of his or her appointment. However, this period may be extended only once (1) if necessary on approval by the supervisory authority. | de la date de sa nomination. Toutefois, ce délai ne peut être prolongé qu'une seule (1) fois si nécessaire sur approbation de l'autorité de contrôle. |
| Ushinzwe iseswa ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kiri mu iseswa agomba, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yarangirijeho gahunda y'iseswa gushyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi raporo isoza iseswa n'inyandiko zijyanye nayo. | The liquidator of the deposit-taking microfinance institution under liquidation must, within thirty (30) days from the date of completion of the liquidation submit to the supervisory authority the liquidation closing report and related documents. | Le liquidateur de l'institution de microfinance de dépôt en liquidation doit, endéans trente (30) jours à compter de la date d'achèvement de la liquidation, soumettre à l'autorité de contrôle le rapport de clôture de la liquidation ainsi que les documents y relatifs. |
| Urwego rw'ubugenzuzi rukoresheje amabwiriza rugena uburyo ibibazo bitakemutse mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikemurwamo. | The supervisory authority, through directives, determines mechanisms through which issues not resolved within the period mentioned in Paragraph One of this Article are resolved. | L'autorité de contrôle, par voie de directives, détermine les mécanismes par lesquels les problèmes non résolus pendant la période mentionnée à l'alinéa premier de présent article sont résolus. |
| **<u>Ingingo ya 92</u>: Kurangiza inshingano k'ushinzwe iseswa** | **<u>Article 92</u>: Discharge of the liquidator's duties** | **<u>Article 92</u>: Décharge du liquidateur** |
| Ushinzwe iseswa arangiza inshingano ze iyo abonye icyemezo gikuraho uburyozwe gitangwa n' Urwego rw'ubugenzuzi nyuma yo kwemeza raporo ye isoza iseswa. | The liquidator is discharged from his or her duties when he or she is issued with a discharge certificate by the supervisory authority after approval of his or her liquidation closing report. | Le liquidateur est déchargé de ses attributions lorsqu'il reçoit de l'autorité de contrôle le certificat de décharge de responsabilité après approbation de son rapport de clôture de liquidation. |
| Raporo isoza iseswa ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yemezwa n'Urwego | The liquidation closing report referred to in Paragraph One of this Article is approved by | Le rapport de clôture de liquidation visé à l'alinéa premier du présent article est approuvé |

| | | |
|---|---|---|
| rw'ubugenzuzi mu gihe kitarenze amezi atanu (5) uhereye ku munsi yakiriweho. | the supervisory authority within five (5) months of the receipt. | par l'autorité de contrôle endéans cinq (5) mois de sa réception. |
| Icyemezo gikuraho uburyozwe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa n'Urwego rw'ubugenzuzi mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubarwa kuva ku munsi raporo isoza iseswa yemejweho. | The discharge certificate referred to in Paragraph One of this Article is issued by the supervisory authority within one (1) month of the approval of the liquidation closing report. | Le certificat de décharge visé à l'alinéa premier du présent article est délivré par l'autorité de contrôle endéans un (1) mois de l'approbation du rapport de clôture de liquidation. |
| Icyakora, icyemezo gikuraho uburyozwe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntigikuraho uburyozwe ku bikorwa byakozwe n'ushinzwe iseswa mu gihe cy'iseswa bikemangwa cyangwa byakozwe mu buryo bw'uburiganya cyangwa byahishwe kandi bifitiwe ibimenyetso. | However, the discharge certificate referred to in Paragraph One of this Article does not relieve the liquidator from the liability of suspicious, fraudulent or concealed acts that were committed during the liquidation and whose evidence is available. | Toutefois, le certificat de décharge visé à l'alinéa premier du présent article ne libère pas le liquidateur de sa responsabilité pour les actes suspects, frauduleux ou dissimulés commis au cours de la liquidation et dont on a la preuve. |
| **<u>UMUTWE WA X</u>: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO BYABYO** | **<u>CHAPTER X</u>: FAULTS, SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES** | **<u>CHAPITRE X</u>: FAUTES, SANCTIONS, INFRACTIONS ET PEINES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Section One</u>: Administrative faults and sanctions** | **<u>Section première</u>: Fautes et sanctions administratives** |
| **<u>Ingingo ya 93</u>: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Article 93</u>: Administrative faults and sanctions** | **<u>Article 93</u>: Fautes et sanctions administratives** |
| Amabwiriza rusange agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, bihabwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri | The regulations determine administrative faults and sanctions for a deposit-taking microfinance institution, a Director, a member of the Supervisory Board, a member of the management of a deposit-taking | Les règlements déterminent les fautes et les sanctions administratives pour une institution de microfinance de dépôt, un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant d'une institution de microfinance de |

| | | |
|---|---|---|
| mu buyobozi bw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa n'undi mukozi, uburyo bitangwa n'uburyo bijuririrwa. | microfinance institution and any other employee as well as the modalities in which they are imposed and appealed against. | dépôt ainsi que tout autre employé, les modalités de leurs applications et recours. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha n'ibihano** | **<u>Section 2</u>: Offences and penalties** | **<u>Section 2</u>: Infractions et peines** |
| **<u>Ingingo ya 94</u>: Gukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa nta ruhushya** | **<u>Article 94</u>: Conducting activities of deposit-taking microfinance institution without a license** | **<u>Article 94</u>: Mener des activités d'une institution de microfinance de dépôt sans licence** |
| Umuntu: | A person who: | Une personne qui: |
| 1° ukora imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa muri Repubulika y'u Rwanda adafite uruhushya rw'Urwego rw'Ubugenzuzi; | 1° engages in deposit-taking microfinance institution activity within the Republic of Rwanda without a license from the supervisory authority; | 1° exerce des activités d'une institution de microfinance de dépôt en République du Rwanda sans licence de l'autorité de contrôle; |
| 2° wiyitirira imimerere y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose gifitanye isano n'imari iciriritse mu kwakira amafaranga abitswa, icyapa cyangwa kwamamaza, amagambo "imari iciriritse mu kwakira amafaranga abitswa" cyangwa irindi jambo rigaragaza igikorwa cy'imari iciriritse mu kwakira amafaranga abitswa nta ruhushya; | 2° claims the status of a deposit-taking microfinance institution or any deposit-taking microfinance related activity, signage or advertising, the terms "deposit-taking microfinance" or any other term evoking any deposit-taking microfinance operation without being licensed; | 2° s'attribue le statut d'institution de microfinance de dépôt ou toute activité liée à la microfinance de dépôt, l'enseigne ou la publicité, les termes « microfinance de dépôt » ou tout autre terme évoquant l'opération de microfinance de dépôt sans licence; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° wishora mu bikorwa byo kwamamaza kubeshya cyangwa kuyobya kandi kubangamira umurimo w'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 3° indulges in deceptive or misleading advertising prejudicial to the deposit-taking microfinance activity; | 3° se livre à une publicité trompeuse ou mensongère préjudiciable à l'activité de microfinance de dépôt ; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano. | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to three (3) years and a fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) or one of the penalties. | Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à trois (3) ans et d'une amende de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines. |
| Iyo ari ikigo gifite ubuzima gatozi gihamijwe n'urukiko ibikorwa bivugwa mu gace ka 1º, aka 2º n'aka 3º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, gihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW). | In case a legal entity is convicted by the court for acts referred to in Items 1º, 2º and 3º of Paragraph One of this Article, such a legal entity is liable to a fine of a fine of ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) to twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000). | Au cas où une personne morale est reconnue coupable des actes visés aux points 1º, 2º et 3º de l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une amende de dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) à vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW). |
| Iyo habaye isubiracyaha ku bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ibihano byikuba kabiri (2). | In case of recidivism for acts referred to in Paragraph One of this Article, the penalty is doubled. | En cas de récidive pour des actes visés à l'alinéa premier du présent article, la peine est portée au double. |
| Iyo habaye isubiracyaha bikozwe n'ikigo gifite ubuzimagatozi gihanishwa guseswa. | In case of recidivism by a legal entity, the latter is dissolved. | En cas de récidive par une personne morale, cette dernière est dissoute. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 95</u>: Gutanga amakuru y'ibinyoma bikozwe n'umunyamigabane, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi cyangwa umukozi** | **<u>Article 95</u>: Provision of false information by a shareholder, a director, a member of the Supervisory Board, a member of management or an employee** | **<u>Article 95</u>: Fourniture de fausses informations par un actionnaire, un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant ou un employé** |
| Umunyamigabane, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi, cyangwa umukozi: | A shareholder, director, a member of the Supervisory Board, a member of management or an employee who: | Un actionnaire, un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant ou un employé qui: |
| 1° uha Urwego rw'ubugenzuzi amakuru y'ibinyoma; | 1° provides false information to the supervisory authority; | 1° fournit de fausses informations à l'autorité de contrôle; |
| 2° ugira uruhare mu bugenzuzi bw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, mu miyoborere yacyo cyangwa mu gufata ibyemezo bijyanye n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ataragaragaje ko yatangajwe ku giti cye nk'uwahombye mu Rwanda cyangwa mu mahanga; | 2° is involved in the supervision and management of a deposit-taking microfinance institution or in taking its decisions without indicating that he or she has been declared personally bankrupt in Rwanda or abroad; | 2° participe à la supervision, à la gestion ou à la prise de décisions concernant l'institution de microfinance de dépôt sans signaler qu'il a été déclaré personnellement failli au Rwanda ou à l'étranger; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano. | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of the penalties. | Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo habaye isubiracyaha, ibihano byikuba kabiri (2). | In case of recidivism, the penalty is doubled. | En cas de récidive, la peine est portée au double. |
| **<u>Ingingo ya 96</u>: Kugira uruhare mu gihombo cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 96</u>: Participation in the bankruptcy of a deposit-taking microfinance institution** | **<u>Article 96</u>: Participation dans la faillite d'une institution de microfinance de dépôt** |
| Umunyamigabane, ugize inama y'ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi cyangwa umukozi ugira uruhare mu gihombo cy'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa aba akoze icyaha. | Any shareholder, director, member of the Supervisory Board, member of management or employee who participates in the bankruptcy of a deposit-taking microfinance institution commits an offence. | Un actionnaire, administrateur, membre du Conseil de surveillance, dirigeant ou employé qui participe dans la faillite d'une institution de microfinance de dépôt commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano. | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) or one of the penalties. | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines. |
| Iyo habaye isubiracyaha, ibihano byikuba kabiri (2). | In case of recidivism, the penalty is doubled. | En cas de récidive, la peine est portée au double. |
| **<u>Ingingo ya 97</u>: Kubangamira imirimo y'iseswa** | **<u>Article 97</u>: Obstruction of liquidation** | **<u>Article 97</u>: Faire obstruction à la liquidation** |
| Umunyamigabane, ugize Inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi cyangwa umukozi: | Any shareholder, director, member of the Supervisory Board, member of management or employee who: | Un actionnaire, administrateur, membre du conseil de surveillance, dirigeant ou employé qui: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ubangamira imirimo y'ushinzwe iseswa; | 1° obstructs the mandate of liquidator; | 1º fait obstruction à la mission du liquidateur; |
| 2° uha ushinzwe iseswa amakuru y'ibinyoma; | 2° provides the liquidator with false information; | 2º fournit de fausses informations au liquidateur ; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano. | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of the penalties. | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines. |
| Iyo habaye isubiracyaha, ibihano byikuba kabiri (2). | In case of recidivism, the penalty is doubled. | En cas de récidive, la peine est portée au double. |
| **Ingingo ya 98: Kubangamira imirimo y'igenzura cyangwa kwanga gutanga amakuru** | **Article 98: Obstruction of the mission for supervision or refusal to provide information** | **Article 98: Obstruction à la mission de supervision ou refus de fournir des informations** |
| Umunyamigabane, ugize inama y'Ubutegetsi, ugize Inama y'Ubugenzuzi, uri mu buyobozi cyangwa umukozi: | A shareholder, a director, a member of the Supervisory Board, a member of management or an employee who: | Un actionnaire, un administrateur, un membre du Conseil de surveillance, un dirigeant ou un employé qui: |
| 1° ubangamira mu buryo ubwo aribwo bwose ibikorwa by'Urwego rw'ubugenzuzi byo kugenzura; | 1° obstructs in any manner whatsoever the supervision activities of supervisory authority; | 1° entrave de quelque manière que ce soit les activités de supervision de l'autorité de contrôle; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° udasubiza ibisabwa n'Urwego rw'ubugenzuzi cyangwa utanga amakuru atariyo;<br><br>3° ubangamira imirimo y'umugenzuzi wigenga cyangwa wanze kumuha uburenganzira ku nyandiko zose zijyanye no gusohoza ubutumwa bwe harimo amasezerano, ibitabo, inyandiko z'ibaruramari, n'inyandikomvugo;<br><br>aba akoze icyaha.<br><br>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.<br><br>Iyo habaye isubiracyaha, ibihano byikuba kabiri (2). | 2° fails to respond to the requests of the supervisory authority or who provides inaccurate information;<br><br>3° obstructs the mission of the external auditor or who refuses to give him or her access to all documents relevant to the accomplishment of his or her mission including contracts, books, accounting documents and records of minutes;<br><br>commits an offence.<br><br>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to one (1) year and a fine of two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of these penalties.<br><br>In case of recidivism, the penalty is doubled. | 2° ne répond pas aux demandes de l'autorité de contrôle ou qui fournit des informations inexactes;<br><br>3° entrave la mission de l'auditeur externe ou qui refuse de lui donner accès à tous les documents pertinents pour l'accomplissement de sa mission y compris les contrats, les livres, les documents comptables et les procès-verbaux ;<br><br>commet une infraction.<br><br>Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux millions de francs rwandais (FRW 2.000.000) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou l'une de ces peines.<br><br>En cas de récidive, la peine est portée au double. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA XI</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER XI</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE XI</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 99</u>: Ukwibumbira hamwe, ikomatanya, iyegukana n'ihinduka ry'imiterere** | **<u>Article 99</u>: Amalgamation or merger, acquisition and transformation** | **<u>Article 99</u>: Fusion ou acquisition et transformation** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi n'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda, nta kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishobora kwibumbira hamwe n'ikindi kigo, kwikomatanya n'ikindi, guhindura imiterere yacyo cyangwa kwegukanwa n'ikindi kitabanje kubyemerewa n' Urwego rw'ubugenzuzi. | Without prejudice to provisions of the law governing companies and the law governing cooperatives in Rwanda,<br>no deposit-taking microfinance institution may amalgamate or merge with another, undertake its transformation or be subjected to acquisition without authorisation from the supervisory authority. | Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales et de la loi régissant les coopératives au Rwanda, aucune institution de microfinance de dépôt ne peut fusionner, se transformer ou faire objet d'une acquisition sans l'autorisation de l'autorité de contrôle. |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa kugira ngo hemezwe ukwibumbira hamwe, ukwikomatanya, ukwegukanwa cyangwa uguhindura imiterere kw'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The regulations determine requirements for amalgamation or merger, acquisition or transformation of a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent les conditions de fusion, d'acquisition ou de transformation d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 100</u>: Gufungura, kwimura cyangwa gufunga ahakorerwa ubucuruzi** | **<u>Article 100</u>: Opening, relocating or closing a place of business** | **<u>Article 100</u>: Ouverture, délocalisation ou fermeture d'un lieu d'activité** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba gusaba Urwego rw'ubugenzuzi uburenganzira mbere yo | Without prejudice to the provisions of other laws, a deposit-taking microfinance institution must request for authorisation from the supervisory authority before | Sans préjudice des dispositions d'autres lois, une institution de microfinance de dépôt doit demander une autorisation de l'autorité de contrôle avant d'ouvrir, de délocaliser ou de fermer un lieu d'activité. |

| | | |
|---|---|---|
| gufungura, kwimura cyangwa gufunga ahakorerwa ubucuruzi. | opening, relocating or closing a place of business. | |
| Amabwiriza rusange agena ibindi bisabwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba kuzuza kugira ngo gifungure, kimure cyangwa gifunge ahakorerwa ubucuruzi. | The regulations determine other requirements a deposit-taking microfinance institution must fulfil in order to open, relocate or close the place of business. | Les règlements déterminent les autres conditions qu'une institution de microfinance de dépôt doit remplir pour ouvrir, délocaliser ou fermer un lieu de commerce. |
| **Ingingo ya 101: Gucunga amafaranga kuri konti yahagaritswe adasabwa na nyirayo** | **Article 101: Management of funds on dormant account unclaimed by their owners** | **Article 101: Gestion des fonds en compte dormant non réclamés par leurs propriétaires** |
| Amafaranga asigaye kuri konti yahagaritswe adasabwa mu gihe cy'imyaka itanu (5) yimurirwa muri Banki Nkuru n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi iyo myaka itanu (5) irangiriyeho. | A dormant account balance unclaimed for five (5) years is transferred to the Central Bank by a deposit-taking microfinance institution within thirty (30) days from the end of those five (5) years. | Un solde de compte dormant non réclamé pendant cinq (5) ans est transféré à la banque centrale par une institution de microfinance de dépôt concernée endéans trente (30) jours suivant la fin de ces cinq (5) ans. |
| Uburyo bwo gucunga konti idakoreshwa n'iyahagaritswe bugenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru. | The modalities for the management of suspense and dormant accounts are determined by the regulations of the Central Bank. | Les modalités de gestion d'un compte suspens et d'un compte dormant sont déterminées par les règlements de la banque centrale. |
| Amafaranga yimuriwe muri Banki Nkuru hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo afatwa nk'umutungo wasizwe na bene wo kandi ucungwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The funds transferred to the Central Bank in accordance with Paragraph One of this article are considered as abandoned property and managed in accordance with relevant laws. | Les fonds transférés à la banque centrale conformément à l'alinéa premier du présent article sont considérés comme des biens abandonnés et gérés conformément à la législation en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 102</u>: Kwifashisha undi muntu mu murimo cyangwa igikorwa cy'ingenzi** | **<u>Article 102</u>: Requirements for outsourcing a function or material activity** | **<u>Article 102</u>: Conditions de l'externalisation d'une fonction ou d'une activité importante** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishaka guha undi muntu umurimo cyangwa igikorwa cy'ingezi cyacyo kibanza kubihererwa uruhushya n'Urwego rw'ubugenzuzi. | A deposit-taking microfinance institution willing to outsource any of its function or material activity has to obtain prior approval from the supervisory authority. | Une institution de microfinance de dépôt qui désire externaliser sa fonction ou activité importante requiert une approbation préalable de l'autorité de contrôle. |
| Umurimo cyangwa igikorwa cy'ingenzi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni umurimo cyangwa igikorwa, iyo gihungabanye, gishobora guteza ingaruka zigaragara ku bikorwa by'ubucuruzi, icyizere cyangwa se inyungu by'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | The function or material activity referred to in Paragraph One of this Article is that which, if disturbed, may significantly affect the business operations, reputation or profitability of a deposit-taking microfinance institution. | La fonction ou activité importante visée à l'alinéa premier du présent article est celle qui, si elle est perturbée, peut affecter de manière significative les opérations commerciales, la réputation ou la rentabilité de l'institution de microfinance de dépôt. |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyifuza guha undi muntu kugikorera umurimo cyangwa igikorwa cy'ingenzi. | The regulations determine the requirements for outsourcing a function or material activity of a deposit-taking microfinance institution. | Les règlements déterminent les conditions pour l'externalisation d'une fonction ou activité importante d'une institution de microfinance de dépôt. |
| **<u>Ingingo ya 103</u>: Inshingano yo kugira ibanga** | **<u>Article 103</u>: Duty of confidentiality** | **<u>Article 103</u>: Obligation de confidentialité** |
| Umuntu wese ufite uburenganzira bwo kugera ku bitabo, konti, inyandiko, imiterere y'imari cyangwa izindi nyandiko, haba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubundi, mu gihe cyangwa nyuma y'isano ye n'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, ntagomba gutangaza amakuru ayo | Any person who has access to books, accounts, records, unpublished financial statements or other documents, whether electronically or otherwise, during or after his or her relationship with the deposit-taking microfinance institution is prohibited from disclosing any information relating to the | Il est interdit à toute personne qui a droit d'accès aux livres, comptes, dossiers, états financiers non publiés ou aux autres documents, soit par voie électronique ou tout autrement moyen, pendant ou après ses relations avec l'institution de microfinance de dépôt, de livrer à personne |

| | | |
|---|---|---|
| ariyo yose yerekeye imirimo y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa keretse:<br><br>1° hari ukwemera kwanditse k'umukiriya cyangwa umuhagarariye;<br><br>2° mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano ze mu kazi cyangwa yashyizweho bikurikije iri tegeko cyangwa amabwiriza rusange arebana na ryo;<br><br>3° abisabwe n'umucungamutungo wihariye cyangwa ushinzwe iseswa;<br><br>4° hakurikijwe amabwiriza yanditswe y'Urwego rw'ubugenzuzi;<br><br>5° igihe bisabwe n'urukiko cyangwa hashingiwe ku itegeko.<br><br>**<u>Ingingo ya 104</u>: Abantu badafite uburenganzira bwo gukora igikorwa mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa**<br><br>Urwego rw'ubugenzuzi rushyiraho kandi ruvugurura urutonde rw'abantu babujijwe n'iri tegeko gukora igikorwa icyo aricyo cyose mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. | affairs of the deposit-taking microfinance institution except:<br><br>1° with the written consent of the customer or his or her representative;<br><br>2° for the purpose of performance of his or her duties falling within the scope of his or her employment or appointment in compliance with this Law or relating regulations;<br><br>3° at the request of the special administrator or the liquidator;<br><br>4° as directed in writing by the supervisory authority;<br><br>5° when required to do so by a court or by law.<br><br>**<u>Article 104</u>: Persons not authorised to carry out an activity in a deposit-taking microfinance institution**<br><br>The supervisory authority establishes and updates a list of persons prohibited by this Law to carry out any activity in a deposit-taking microfinance institution. | les informations relatives aux activités de l'institution de microfinance sauf:<br><br>1º en cas de consentement écrit du client ou de son représentant;<br><br>2º en vue d'exercer ses attributions dans le cadre de son emploi ou nomination conformément à la présente loi ou les règlements y relatifs;<br><br>3º à la demande de l'administrateur spécial ou du liquidateur;<br><br>4º selon les directives écrites de l'autorité de contrôle;<br><br>5º lorsque requis par une juridiction ou par une loi.<br><br>**<u>Article 104</u>: Personnes non autorisées à exercer une activité dans une institution de microfinance de dépôt**<br><br>L'autorité de contrôle établit et met à jour une liste des personnes non autorisées par la présente loi à exercer toute activité dans une institution de microfinance de dépôt. |

| | | |
|---|---|---|
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishyikiriza Urwego rw'ubugenzuzi umwirondoro wuzuye w'umuntu wirukanwe kubera amakosa yakozwe cyangwa umuntu wahamwe n'ibyaha byakorewe mu kigo. Kohereza umwirondoro w'umuntu uvugwa muri iki gika biherekezwa n'ibimenyetso bibihamya. | A deposit-taking microfinance institution submits to the supervisory authority full identification of a person dismissed due to faults committed or a person convicted for offences committed within the institution. The submission of identification of the person referred to in this Paragraph is accompanied by supporting evidences. | Une institution de microfinance de dépôt soumet à l'autorité de contrôle une identification complète de la personne licenciée en raison des fautes commises ou de la personne condamnée pour des infractions commises au sein de l'institution. La soumission d'identification de la personne visée au présent alinéa est accompagnée par les pièces à l'appui. |
| Amabwiriza rusange agena ibisabwa kugira ngo umuntu wirukanwe hakurikijwe igika cya 2 cy'iyi ngingo asubizwe mu mirimo ye naho uwakatiwe asubizwa mu mirimo ye nyuma y'ihanagurabusembwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The regulations determine conditions for reinstatement of the person dismissed in accordance with Paragraph 2 of this Article while the reinstatement of the convict is done after rehabilitation in accordance with relevant laws. | Les règlements déterminent les conditions de réintégration de la personne révoquée conformément à l'alinéa 2 du présent article tandis que la personne condamnée est réintégrée après réhabilitation conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 105</u>: Igihe cyo kubahiriza ibivugwa muri iri tegeko** | **<u>Article 105</u>: Period to conform with provisions of this Law** | **<u>Article 105</u>: Délai pour se conformer aux dispositions de la présente loi** |
| Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyemewe hakurikijwe Itegeko n° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari iciriritse nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, kigomba, mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2), guhera ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda, kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko. | A deposit-taking microfinance institution licenced under the Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the organization of microfinance activities as amended to date, must, within two (2) years from the date of commencement of this Law, conform with the provisions of this Law. | Une institution de microfinance de dépôt agréée en vertu de la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation des activités de microfinance telle que modifiée à ce jour, doit, endéans deux (2) ans à compter de la date d'entrée en vigueur de la présente loi, se conformer aux dispositions de la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 106</u>: Amabwiriza rusange ariho yatanzwe na Banki Nkuru** | **<u>Article 106</u>: Existing regulations issued by the Central Bank** | **<u>Article 106</u>: Règlements en vigueur émis par la Banque Centrale** |
| Amabwiriza rusange yashyizweho na Banki Nkuru hakurikije Itegeko n ° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari iciriritse nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyije n'iri tegeko mu ireme ryazo mu gihe kitarenze umwaka umwe (1), uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | The regulations issued by the Central Bank under Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the organization of microfinance activities as amended to date that are not inconsistent in terms of substance with this Law remain in force for a period of one (1) year from the date of the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Les règlements émis par la Banque Centrale en vertu de la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation des activités de microfinance, telle que modifiée à ce jour, qui ne sont pas incompatibles à la présente loi quant à leur fond restent en vigueur pour une période d'un (1) an à compter de la date de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 107</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 107</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 107</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 108</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 108</u>: Repealing provision** | **<u>Article 108</u>: Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari iciriritse nk'uko ryahinduwe kugeza ubu n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the organization of microfinance activities as amended to date and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation des activités de microfinance telle que modifiée à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 109</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 109</u>: Commencement**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 109</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 05/11/2021<br><br>(sè)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sè)<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sè)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |